**Yesu ntahinduka, uko yari ejo na none niko ari kandi niko azahora iteka ryose**

(Heb. 13:8)

**Urwandiko rukwirakwizwa, Nzeli 2009**

"*Buri muntu wese akwiye kudufata nkabakozi ba Kristo ndetse n'ibisonga byashinzwe ubwiru bw'Imana" (*I Kor. 4:1).

Koko, Pawuro yatoranije amagambo ye neza ubwo yagize ati: "*buri muntu wese akwiye kududufata…."*Hanyuma se byashoboka ko abantu hafi ya bose badufata nk'abigize ubwacu intumwa n'abigisha? Ntibyaba bitangaje kuko na Pawuro ubwe byamubayeho (2 Kor. 6:8); uretse ko ntacyo byahindura ku muhamagaro n'umurimo byatanzwe n'Imana. Atitaye kubyo abantu batekerezaga cyangwa bavugaga, Pawuro yakomeje agira ati *"Ikiruta byose, ibisonga bisabwa kuba ibyiringirwa."*

Tugomba kureba nk'ikitegererezo uko ibintu byari bimeze mu minsi ya mbere y'igihe cy'ubuntu, kugirango tumenye uko bizaba bimeze mu gihe kigana kw'iherezo. Ijambo ry'Imana ryoherejwe kuri Yohana Umubatiza (Luka 3:2); ku buryo yari azi neza umuhamagaro we n'umurimo we. Yari integuza yo gutegura inzira y'Umwami, kandi yari yarasezeranijwe n'Imana (Yesaya 40:3), kugira ngo azahindure imitima y'abo mu gihe cye bose kugirango bizere (Yoh. 1:6-7). Petero nawe yari azi neza icyo Umwami yamuhamagariye (Mat.4:18-20) ndetse n'inshingano yamuhaye (Ibyak. 15:7). Niwe Umwami yabwiye ati: " Nzaguha infunguzo z'ubwami bwo mw'ijuru…" (Matayo 16:19). Ubwo yahagurukaga ku munsi wa pentekosti akabwiriza kwihana ibyaha no kubatizwa mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo,yahereyeko ashyiraho icyitegererezo kigomba gukurikizwa igihe cyose mw'itorero ryo mwisezerano rishya.

Pawuro yahamagawe n'Umwami mw'ijwi ryunvikana nyuma y'umuzuko we, kuburyo nawe yari azi neza ibikubiye mu murimo we (Ibyak. 9:15; Ibyak. 22:6-21). Ibi abigaragariza buri wese mu kuntu yimenyekanisha mu mirongo ibanziriza inzandiko zose yanditse. Niwe wahawe inshingano yo kurondorera itorero ry'isezerano risha umugambi wose w'agakiza w'Imana. Yahamije ko ubwo yahamagarwaga, yiyunviye ijwi ry'Umwami mu rurimi rwe kavukire rw'igiheburayo rimubwira riti: "Nagukuye mubo mu bwoko bwawe no mu banyamahanga ari nabo ngutumyeho, kugirango ubahumure amaso, ubavane mw'icuraburindi ubazane mu mucyo, ubavane mu bubata bwa Satani ubagarurire Imana, kugira ngo bababarirwe ibyaha byabo, babone guhabwa umurage hamwe n'abejejwe kubwo kunyizera. (Ibyak. 26:17-18). Nkuko bimeze ku muntu

wese uhamagariwe umurimo n'Imana, yari azi neza umurimo Imana yamushinze mu mugambi wayo w'agakiza kandi yitwararika kuwusohoza nkuko yabitegetswe. Ibikurikira byanditwe kuri Nowa: "*Uko niko Nowa yabigenje, ibyo Imana yamubwiye gukora byose niko yabikoze*.: (Itang.6:22). Dushobora kureba mw'Isezerano rya kera ryose: Aburahamu, Mose, Yosuwa, Eliya, Elisa, Dawudi, Salomo, n'abandi bose, ibyo Umwami yabategetse gukora, babikoze uko yabibabwiye. Mose nawe yanditsweho ko ariko yabigenje *" ibyo Uwiteka yategetse Mose byose, yabikoze nkuko yabimubwiye"* (Kuva 40:16). Hanyuma harondorwa ibyo yubahirije byose *"nkuko Uwiteka yabimutegetse…"* Hirya tubwirwa ukuntu yakoranye, we nk'umuhanuzi, n'abandi bashyiriweho kumufasha mu murimo bakamuba iruhande: "*Abana b'Isirayeri bakora imirimo yose bakurikije uko yeretse Mose. Mose areba ibyakozwe byose, asanga ari nk'uko Uwiteka yabitegetse, nuko Mose abaha umugisha*." (Kuva 39:42-43). Uko niko ubufatanye hagati y'abakozi nyakuri b'Imana bugomba kumera na magingo aya!

Tariki 18 Nyakanga 1965, mu kibwirizwa " Gukorera Imana hanze y'ubushake bwayo", Mwene data Branham yavuze ku bantu bibwirako barimo gukorera Imana umurimo, **nubwo baba batarabihamagawe n'Imana, nta n'inshingano bigeze bahabwa**. Abakozi nk'abo mu by'ukuri ni imbogamizi mu Itorero no mu Bwami bw'Imana. Birababaje kuko batita ku mategeko n'ibisabwa n'Imana.

Mu rwandiko rw'Abaheburayo 3:5-6, handitswe ngo: *"Kandi Mose yari umwiringirwa mu nzu yose y'Imana, nk'umugaragu, nk'umuhamya w'ibyagombaga kuzavugwa hanyuma; ariko Kristo we n'umwana ku nzu ye, kandi iyo nzu twe, niba dukomeje ubushizi bw'amanga n'umunezero w'ibyiringiro byacu kugeza kw'iherezo."*

Kuri Eliya, handitswe by'umwihariko ngo: "*nuko igihe cyo gutanga igitambo cya nimugoroba kigeze, Eliya yegera hafi aravuga ati: Uwiteka Mana y'Aburahamu, Isaka kandi Mana y'Isirayeri, bimenyekane uyu munsi ko ari wowe Mana muri Isirayeri, ko ndi umugaragu wawe, kandi ko ibi byose nabikoze nk'uko nabibwirijwe nawe"*(I Abami 18:36)

Mwenedata Branham nawe yagiye agaruka kenshi kubyo yabwiwe n'intumwa ivuye mw'ijuru tariki 7 Gicurasi 1946, kandi yakoze umurimo w'Imana nk'uko yabibwiwe. Mu bukozi bwe budasanzwe bw'ubuhanuzi, igice kinini cy'umugambi w'Imana w'agakiza cyashoboye gusohora (Maraki 4:5-6; Mat. 17:11; Mariko 9:12). Aya niyo magambo yunvikanye ava mw'ijuru ku mugezi Ohio muri Amerika, tariki 11 Kamena 1933: "*Nkuko Yohana Mubatiza yatumwe kubanziriza kuza kwa mbere kwa Kristo, niko ubutumwa wahawe buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo*" Umwami Imana ateze kuri buri mugaragu we nyakuri ko asohoza ibyo yamutegetse n'ibyo yamubwirije. Kubw'iyo mpanvu, kugeza kuri uyu munsi ndacyakomeza gukora ingendo mw'isi yose mbwiriza Ijambo ry'Imana,

nkuko yabintegetse hashize imyaka 47: "Nzagutuma mu yindi midugudu kubwiriza ijambo ryange". Imana iha inyiyuurano uyikoreye mu kwiringirwa, ubwiringirwa ku Ijambo ry'imana, ubwiringirwa mu murimo. Ibindi bijyanye n'inshingano nahawe ni ugukwirakwiza ibiryo by'umwuka, bijyanye no gukomeza umurimo Imana yahaye Mwenedata Branham.

Umwami yivugiye ubwe muri Mat.24:45, ku byerekeye igihe kizabanziriza kugaruka kwe aje nk'Umukwe ati: "*Ninde mugaragu wiringirwa kandi w'uunyabwenge Shebuja yashinze abo mu rugo rwe kugira ngo abahe ifunguro mu gihe gikwiriye?*" Iri jambo naryo ryarasohoye. Ibiryo by'umwuka, Ijambo rihishuye rigomba gukwirakwizwa. Niyo mpanvu bene data bose bafite uruhare mu gukwirakwiza ibyokurya by'umwuka muri iki gisekuruza cya nyuma cy'itorero, bityo bakaba bafite uruhare muri ubwo bukozi, bagomba kubikorana umutima wose, bagahuza muri byose n'Ijambo ryahishuwe, kandi bagafatanya na bagenzi babo mu bwuzuzanye. Nibimara kuba bityo nibyo byonyine bizatuma haba ubumwe bw'abizera no kugarurirwa kwuzuye gukenewe mbere y'uko Umwami Yesu agaruka (Ibyak. 3:20-21).

Icyakora, niba ibintu byose bikwiye kuba mw'itorero nkuko byari bimeze rigitangira, ninako bikwiye kuba mu bakozi bo mw'itorero ry'akarere. Hari bene data bajya bakora ingendo bakajya kubwiriza mu bindi bihugu batarabitumwe n'Imana, bityo bakajya kubwiriza imyunvire yabo bwite, ari nabyo Bizana urwijiji n'akaduruvayo gakabije. Mu itorero rya Antiyokiya harimo abahanuzi n'abigisha, maze mugihe bakoreraga Imana bayobora amateraniro yo kuramya Imana, biyiriza kandi basenga, Umwuka wera aravuga ati: "*nimunshyirire ku ruhande Barinaba na Pawuro kubera umurimo nabahamagariye*" (Ibyak. 13:2). Ibyo byari Uko Uwiteka avuze kandi Imana yari kumwe nabo. Bene data bose bakorera Imana mw'itorero ry'akarere, bari bakwiyriye kuguma aho bari, keretse Umwami abihamagariye ubwe akabashinga n'umurimo.

Muri Matayo 11: 7-19, Yesu yavuze mu buryo burambuye ku bukozi bwa Yohana Mubatiza, arangije arabaza ati: "*Ese mwagiye kureba iki mu butayu? umuhanuzi? Yee, nababwira yuko ndetse aruta umuhanuzi*" (umurongo wa 8). Umwami yatweretse iby'ubwo bukozi ahereye muri Maraki 3:1 agira ati: *"Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko, mu babyawe n'umugore bose nta n'umwe uuruta Yohana Mubatiza: ariko umuto wo mu bwami bwo mwijuru aramuruta" (umurongo wa11).* Ni ukuvugako n'ubwo yarutaga umuhanuzi, ariko nta n'umwe mu bizera yarutaga. Abahanuzi bose bahanuye kuza kwa Masiya, hanyuma integuza iramumurika, ndetse ishyiraho iteme hagati y'iby'abahanuzi bari barahanuye n'ibyari birimo gusohora mw'isezerano rishya. (Luka 16:16)

Yohana Mubatiza yabwirije iby'ubwami bwo mu ijuru (Mat.3), abigishwa ba mbere babwinjiramo ku munsi wa pentekosti ubwo buzuzwaga umwuka

wera. Kimwe na Yohana Mubatiza, Petero na Pawuro, Branham nawe yari umuntu kimwe natwe, nubwo yari afite ubukozi budasanzwe. Dusoma ibikurikira kuri Eliya: *"Eliya yari umuntu ufite intege nke nkatwe, ariko yarasenze asaba ko invura itagwa, atuma ijuru rikingwa ntiryagusha invura kumara imyaka itatu n'amezi atandatu. Arongera arasenga, ijuru ritanga invura isi ibona kwera imbuto."* (Yakobo 5: 17-18)
Abagaragu b'Imana bose barasengaga ibitangaza bikaba, nyamara nta n'umwe wigenze kuramwa. Umuntu wese uha undi, uwariwe wese agaciro karuta ak'ikiremwa muntu, aba ari munsi y'umwuka w'ubuyobe. Nubwo Ijambo ry'Imana ryazaga kubahanuzi rikabeza kuburyo nabo biswe imana (Yoh.10:35-36), ntibyababuzaga kuguma kuba abantu basanzwe ndetse no gupfa nk'abandi bose (Zab.82:6-7). Kugeza uyunsi, Ijambo ry'Imana ryatewe muri twe nk'imbuto y'Imana, niryo ryonyine riduha kuvuka ubwa kabiri no guhindukrwa abana b'Imana. Nyamara, tuguma kuba abantu basanzwe, dukomeza gupfa kugeza ubwo imibiri yacu izahindurwa (Abafiripi 3:21; Abar. 11; n'ahandi).

## Tugomba kwitondera ibikurikira

Muri Nehemiya 9, turerekwa inzira y'Imana hamwe na Isirayeri, uhereye ku guhamagarwa kw'Aburahamu: gusohoka muri Egiputa, gutandukana kw'inyanja itukura, ukuntu inkingi y'igicu n'iy'umuriro byabayoboraga ku manywa na nijoro; ukuntu Imana yabahaye amategeko n'amabwiriza, ibyokurya n'amazi, ikabayobora inzira yose kugeza ubwo batashye igihugu cy'isezerano. "*Kandi wabahaye Umwuka wawe mwiza kugirango abigishe. Koko, kumara imyaka mirongo inne yose warabahetse mu butayu kugirango batagira icyo Babura; ndetse n'imyenda yabo ntiyigeze isaza, haba n'ibirenge byabo kubyimba."*

Ni koko, Imana yakoreye ubwoko bwayo ibi byose. Yabahaye Umwuka wera, yabahaye manu, yabahaye amazi, imyenda yabo ntiyigeze isaza, yagumye kuba nkaho ari mishya kumara imyaka mirongo inne, ibirenge byabo ntibyigeze bibyimba. *"Kuruta ibyo byose, wabeguriye ibihugu n'amahanga menshi, …n'abana babo baragwira… kuburyo baguwe neza bishimira ineza yawe uhebuje."* Kuba Imana yarabanaga nabo mu nkingi y'umuriro, ntikwari ukugirango bizihirwe bayirebesha amaso gusa, Ahubwo kwar'ukugirango ibereke inzira- muri icyo gihe byari ku bana b'Isiraeli naho uyu munsi ni biri ku Itorero ry'ukuri.

Uretseko, hakurikiyeho "ariko". "*<u>Ariko</u> ntibakunviye, ndetse barakwivovotera, bata amategeko yawe inyuma yimigongo yabo, bica abahanuzi bawe babaziza ko babingingiraga kukugarukira, ndetse bakoze n'ibindi byishi byo gukongeza uburakari bwawe."* Kwunva, kwizera no

kwunvira – ibyo nibyo Imana ishaka ku bwoko bwayo. "*Kuko ubutumwa bwiza twabwirijwe nabo aribwo babwirijwe; ariko Ijambo babwiwe ntacyo ryabamariye kuko ritasanze kwizera mubaryunvise"* (Abah.4:2).

Ntabwo bitaye ku byiza byinshi Imana yabakoreye, bigeza aho Imana ivuga iti: "*Kumara imyaka 40 yose, nababajwe n'iki gisekuruza, ngeza aho nvuga nti, ubu bwoko bufite imitima ihora ibuyera kandi ntibwamenye inzira zanjye.*" (Zab. 95:10)

Hanyuma hakurikiraho ukwihanangiriza gukomeye: *"ibi byose byabereye kugira ngo bitubere akabarore kandi byandikiwe kugira ngo bitwigishe twe tugeze ku mpera z'ibihe"* (1 Abakorinto 10:11). *"Nicyo gituma, nkuko umwuka wera avuga, uyu munsi nimwunva ijwi rye…*" (Abah. 3:7).

Imyaka mirongo inne yose irashize nyuma y'ubukozi bukomeye bwa William Branham; ariko se byatanze iki? imyumvire inyuranye n'udutsiko tunyuranye- kandi bose biyita ko bizera ubutumwa bw'igihe, mugihe benshi muribo bakurikira inzira zabo bwite, bibwirako barimo gukorera Imana, kandi mu by'ukuri batari mu bushake bwayo, ndetse nta n'ubwo bigeze bamenya na gato umugambi w'Imana kw'Itorero ryayo.

Byaba ari muri Isirayeri cyangwa mw'Itorero, kwizera nyakuri kurangwa igihe cyose no kunvira muri byose biherekezwa n'imigisha ya bibilia. Kutizera nako kurangwa no kutunvira ndetse n'umuvumo. Umuntu wese ukwirakwiza inyigisho z'ibinyoma aba ari munsi y'uwo muvumo kuko aba abwiriza ubundi butumwa (Abagal. 1:2; 2 Abakor.2). Imana iba mu Ijambo ryayo honyine naho Satani akaba muri buri nsobanuro z'abantu. Tugomba gutangira bundi bushya tukagendera mu nzira irimo umucyo w'Imana mu kwizera no mu kunvira.

Intumwa yohana nayo yagombye guhangana n'abahanuzi b'ibinyoma n'abigisha b'ibinyoma mu gihe cye. Abwira abana b'Imana, nyuma y'uko ashyira ahagaragara umwuka wa antikristo wari waramaze kugera mu isi mu gihe cye (umurongo wa 3), yanditse ibi bikurikira muri 1Yohana 4:4-5: "*Bana bato, mwe muri ab'Imana kandi mwarabanesheje, kuko uri muri mwe aruti uri mu b'isi. Niyo mpanvu bavuga nk'abisi kandi abisi bakabunva.*"

"*Twe turi ab'Imana; uzi Imana wese aratwunvira, naho utari uw'Imana ntatwunvira. Icyo nicyo kitwereka umwuka w'ukuri n'umwuka w'ikinyoma.*" (1Yoh. 4:6). Kandi ku by'abagaragu b'Imana b'ukuri agira ati: "*twe turi ab'Imana. Uzi Imana wese aratwunvira…"* Mu gukoresha iri jambo ngo "twe turi ab'Imana…" yarivugaga ubwe n'abandi bahamagawe n'Imana mu murimo nkawe. Ni ubutware buherekeza umurimo w'intumwa: "Nkuko Data yantumye, nanjye ndabatumye." (Yoh. 20:21). Aya magambo abo yarebaga ni abo yatumye bonyine: "*Uzabunvira nijye azaba yunviye*.". (Luk. 10:16)

Tubona neza ko mw'itangiriro ry'Itorero ry'Isezerano rishya hahereyeko hagaragara imyuka ibiri: umwuka w'ukuri n'umwuka w'ubuyobe; na ibice bibiri by'abantu bari munsi y'ubuyobozi bw'imwuka inyuranye: bamwe bari munsi y'ubuyobozi bw'Umwuka w'Imana, abandi bari munsi y'ubuyobozi bw'umwuka w'isi, umwuka wa Satani. Yohana arasobanura: "*Iki ni cyo kitwereka abana b'Imana n'abana b'umubi; ukora ibyo gukiranuka wese ni uwi'Imana, naho udakora ibyo gukiranuka ntabwo ari uw'Imana, kimwe na udakunda mwene se*" (1 Yoh. 3:10). Ibi bice bibiri biratandukanye cyane nk'uko Kayini na Abeli bari batandukanye, n'ubwo bombi babyawe na nyina uwe ariwe Eva. Bombi bizeraga Imana imwe, bombi batangaga ibitambo, bombi barasengaga, nyamara bari imbuto zitandukanye.

Nuko ijambo *Ubutumwa* ryongerwaho, iki ni ikintu gikomeye cyane. Yohana yakomeje avuga aya magambo: *"Kandi ubu nibwo butumwa mwunvise mbere na mbere yuko mukwiye gukundana, Atari nka Kayini wari uw'umubi akica mwene nyina. Ni iki cyatumye amwica? Ni uko imirimo ye yari mibi, naho iya mwene nyina ikaba myiza*" (imirongo ya 11-12). Nkuko mwene data Branham yabivuze, buri bubyutse bubyara imbuto ebyiri ziba ari impanga. Umwami wacu yagereranije ibwirizwa ry'ubutumwa bwiza muri Mat. 13:24-30 n'ibiba ry'imbuto, nuko asobanura ko *"...imbuto nziza ari abana b'ubwami naho urukungu rukaba abana b'umubi..."* (Umurongo.38). Izo mbuto uko ari ebyiri zibibwa mu murima umwe. Umwana w'umuntu abiba imbuto nziza, naho umubi akabiba imbuto mbi. Hanyuma izuba rivira imbuto nziza n'imbuto mbi; invura imwe igwira abakiranutsi n'abakiranirwa (Mat.5:45). Muzabamenyera ku mbuto zabo, ntabwo ari ku mpano zabo!

Ibyo Umwami yagombye kubwira abayuda bo mu gihe cye, biracyafite agaciro kamwe kugeza ubu ku bantu b'amahanga yose: "*Uw'Imana yunva amagambo y'Imana: niyo mpanvu bo badashobora kunva kuko batari ab'Imana*". (Yoh.8:47). Uko Umwami yabwiye abigishwa be icyo gihe, nubu niko akibabwira, *"Ariko amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu kuko yunva."*, (Mat.13:16). Ibi n'ukuri kandi bizahorara ari ukuri iteka ryose: Uwabyawe n'Imana yunva amagambo y'Imana! Ibyanditswe byose biva ku guhishurirwa kuvuye ku Mana (2 Tim. 3:16), mu gihe ari abagabo bejejwe n'Imana babwiriza, bari munsi yo gusigwa k'Umwuka wera, ibintu abamarayika bifuza kurungurukamo (1 Pet.1:12).

Ibi niko biri: ubutumwa bwa bibilia burimo kugera ku mpera z'isi, kandi ab'Imana nyakuri bazabwunva.

## Kwezwa mu kuri

Mu rwandiko rwacu ruzenguruka ruherutse, mu kwezi kwa Mata/Gicurasi 2009, twanditse ku muhamagaro n'igutegura by'abo mu Itorero Mugeni. Uko urwo rwandiko rwakiriwe byari birenze ! Twasobanukiwe ikibazo nyamukuru cy'uyu munsi icyo aricyo, **kwunvira** ko **kwizera**, ubugingo bw'ubumana bw'Umukwe mu Mugeni. Nkuko Mwene data Branham yabivuze mu bibwirizwa bye, niko natwe twarushijeho kubigaragaza: "**mu Isezerano rya kera, abana b'intama batabarika baricwaga amaraso yabo akamenwa, kugira ngo abe impongano y'ibyaha, ariko ntabwo ubuzima bw'ibitambo bwashoboraga kugaruka ngo bube mu babaga batambiwe ibitambo. Ariko, kubw'Umwana w'Imana, wamennye amaraso ye ku musaraba i Kalvari kugirango amaraso ye abe impongano, igitangaza kiruta ibindi byose cyarabaye! Ubuzima bw'Imana buhoraho iteka ryose bwari mu Mucunguzi buza mu bacunguwe bose kubwo kubyarwa ubwa kabiri! Abahungu n'abakobwa b'Imana bose bafite bwa buzima bwari mu Mwana w'Imana, n'ubushobozi bwose n'impano zose, hamwe na kamere nyayo ya Yesu Kristo.**"

Ibi ni ukuri iteka ryose: "*kuko uweza n'abezwa bose bakomoka kur'umwe: niyo mpanvu atagira isoni zo kubita bene se, ubwo yavuze ati, Nyavuga Izina ryawe hagati ya bene data, nzagusingiriza hagati y'Iteraniro. Ni cyo cyatumye ashaka gusa mu bintu byose na bene Se, kugirango ashobore kuba umutambyi mukuru wo kwizerwa kandi ugira impuhwe mu murimo w'Imana kugirango ashobore guhongerera ibyaha by'ubwoko*"(Abah.2:6-7+17).

Umukumbi waguzwe amaraso ye wamaze kubarwaho gukiranuka rimwe rizima ndetse werejwe muri we, "*watambwe kubw'ibyaha byacu kandi wazutse kugirango tubarweho gukiranuka"(*Abar.4:25).

Ndetse bitwa abahawe umugisha muri iyi si: "*Hahirwa ababababarirwa gukiranirwa kwabo, kandi abo ibicumuro byabo byatwikiriwe. Hahirwa umuntu Imana itabaraho ibyaha bye"*. (Abar.4:5-8).

Abo, bayoborwa n'Umwuka wera mu kuri kwose kw'Ijambo ry'Imana, kandi bezwa naryo: "*Ubejeshe Ukuri kwawe, Ijambo ryawe niryo kuri"* (Yoh.17:17).

Kimwe muri ibyo ni uguhishurirwa Izina rya Yesu, iryo Imana nka Data yaduhereyemo byose mu Mwana we: "*Namenyesheje Izina ryawe abo wampaye ubakuye mu b'isi: bari abawe urabampa; kandi barinze ijambo ryawe.*" (Yoh.17:6).

Mbere y'uko Umwama avuga mu Isezerano rishya ati: "*Mbahaye itegeko rishya, kugirango mukundane; nkuko nabakunze, namwe ariko mukundana*; (Yoh.13:34). Imana yavugiye mu Isezerano rya kera ko izakora amasezerano mashya, ihe ubwoko bwayo imitima mishya ndetse n'ubugingo bushya. (Yer.31:31-34; Ezek.:18:31-32, n'ibindi).

Umurimo wo gucungurwa uratunganye rwose: kubarwaho gukiranuka byuzuye, guhindurwa mushya no kuvuka ubwa kabiri kubw'imbaraga z'umuzuko wa Yesu Kristo kuva mu bapfuye, inzira yose kugeza ku kuzuzwa Umwuka, gushyirwaho ikimenyetso, no kuyoborwa n'Umwuka wera.

## Ubwiru bw'Imana

Mu byanditswe byasomwe tugitangira, twabonyeko abakozi b'Imana bitwa "*Ibisonga bishinzwe ubwiru bw'Imana*".

Muri Matayo 13, Mariko 4, no muri Luka 8, Umwami wacu yabwiye abigishwa be ati, "*mwe mwahawe kumenya ubwiru bw'ubwami bw'Imana: abandi bo babwirwa mu migani*…"

Hanyuma intumwa isobanura ubwo bwiru ubwo aribwo: *"Kuko bene data ntashaka ko muyoberwa ubwo bwiru, kugirango mutifata nkaho muri abanyabwenge; kuko igice kimwe cy'Isirayeri cyahumwe amaso kugeza ubwo abanyamahanga bose binjira*." (Abar.11:25). Imana ifite inzira yayo hamwe n'Isirayeri, kandi ifite inzira yayo hamwe n'Itorero.

Hirya Pawuro aragira ati: "*Ka mbabwire ibanga:ntabwo tuzasinzira twese, ariko twese tuzahindurwa*." (1 Abakor. 15:51). Muri iki gice tubanza kwerekwa umuzuko wa Yesu Kristo nk'umuganura w'abasinziriye, hakazakurikiraho umuzuko w'abapfiriye muri Kristo no guhindurwa kw'abakiriho kugirango bambare kudapfa ubwo bazazamurwa, hagaheruka umuzuko wakabiri uzabanziriza guca imanza kwa nyuma ku iherezo z'ibihe. Ku murongo wa 52, intumwa Pawuro yabivuze mu buryo bwunvikana neza ko umuzuko no guhindurwa kw'abazaba bakiriho bizaba mu kanya gato. "K*uko uyu mubira ubora ugomba kwambara kutabora, kandi gupfa kukamirwa no kudapfa. Ukubora nikumara kwambara kutabora, n'umubiri upfa numara kwambara kudapfa, nibwo hazaba hasohoye rya jambo ngo: urupfu rwmizwe no kunesha*." (1 Abakor. 15:53-54).

Ibivugwa mu Befeso 1, ni isozwa ry'umugambi w'agakiza ku batorijwe n'Imana isi itarashyirwaho urufatiro, baba mu bushake bw'Imana kandi biteguriye kugaruka kwa Kristo…." (umurongo wa 9).

Pawuro yongeye kwandika hirya ati: "… *Imana yampishuriye ubwo bwiru maze kubandikiraho mu magambo make, nimuyasoma muzabona namwe ubumenyi mfite ku bwiru bwa Kristo*…" (Abef.3:3-4).

Koko, ubwo bwiru butahishuwe mu bisekuruza bya mbere no mw'Isezerano rya kera, Imana yabuhishuriye intumwa zayo zera n'abahanuzi ba Kristo: "*Ndetse n'ubwiru bwari bwarahishwe ibihe n'ibisekuruza byambere, none bukaba bwarahishuriwe abera: abi Imana*

*yashatse kumenyesha ubutunzi b'ubwiza bw'ubwo bwiru mu banyamahanga; Kristo muri mwe, ibyiringiro by'ubwiza…*" (Abakol.1:26-27).

Muri 1 Timoteo 3, intumwa Pawuro yongeye kugaruka ku bwiru bw'Imana, yongera kubwandikaho agira ati: "*Nta gushidikanya, ubwiru bw'Imana burakomeye: Imana kwerekanwa yambaye umubiri, igahamirizwa mu mwuka, ikabonwa n'abamarayika, ikabwirizwa mu mahanga, ikizerwa mw'isi, ikakirwa mu bwiza.*" (umurongo wa 16). Hano hari ubwiru bukomeye kuruta ubundi bwose: Imana kwerekanwa yambaye umubiri nka Emanueli – Imana hamwe natwe. Ubu ni ubuhamya bwa Yesu mw'itorero ry'Imana, aririyo nkingi n'urufatiro rw'ukuri (umur. wa 15).

Nuko rero, hariho ubwiru (bwinshi) bw'Imana, ubwiru (bwinshi) bw'ubwami bw'Imana, hakabaho **n'ubwiru** (bumwe) **bw'Imana**. Dushobora kuvuga ko Imana yaduhishuriye byose tubihawe n'Umwuka wera. Turahimbaza Umwami kubw'ubukozi bwa mwene data Branham, wigishije ibintu byose bitari byarahishuriwe intumwa n'abahanuzi kugeza ku murongo wa nyuma wa Bibilia.

Icyakora tugomba kwisuzuma ubwacu kugirango turebe niba Kristo yarigaragaje mu bugingo bwacu, niba twarambaye Kristo hamwe n'imbaraga ze, imbere mu mutima ndetse n'inyuma (2 Pet.1). Kuko icyo gihe aribwo tuzashobora kuboneka turi hamwe nawe twambaye ubwiza (Abakolos. 3:1-4). Pawuro wanditse kuby'ubwo bwiru yashimangiye ibikurikira: '*nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika ariko singire urukundo mba meze nk'icyuma kirangurura cyangwa inanga yiyamirira. Kandi naho nagira impano y'ubuhanuzi, nkamenya n'ubwiru bwose n'ubwenge bwose, naho nagira kwizera kose nkimura n'imisozi, ariko singire urukundo, ntacyo mba maze"* (1 abakor.13). Urukundo rwuzuye nirwo rwonyine ruzinjira; ibi nibyo Mwenedata Branham yabwiwe ubwo mu iyerekwa yajyanywe inyuma y'urusika rw'ibihe. Urukundo rw'Imana ni kamere y'Imana muri twe, kuko Imana ari urukundo. Kandi nk'uko urukundo rw'Imana rwagaragaye mu mucunguzi ku musaraba w'i Karuvari, ninako urukundo rw'Imana rugaragara mu bacunguwe bose, Amina.

## Ni ibiki bizaba Kristo nagaruka?

Ku byanditswe mu Batesalonika ba mbere 4:13-17, ningombwa ko twongera kubigarukaho mu magambo make. Interuro zimwe zavuzwe na Branham mu kibwirizwa cye yise "The Rupture/L'Enlevement/Izamurwa" zasobanuwe nkaho "ijwi ritegeka" ryo muri 1Abates. 4, ari "*ubutumwa bw'igihe cya nyuma*". Bahereyaho bakavuga ko Umwami yaba yaratangiye kumanuka uhereye muri 1963!

Reka turebere hamwe uko byanditswe, duhereye kuri 1 Abates. 4:13-14 kugirango tumenye neza abarebwa n'iryo abo aribo.

Umurongo wa 13: "*Sinshaka bene data ko muba mubutamenya ku by'abasinziriye, kugirango muticwa n'againda nk'abadafite ibyiringiro.*" Aha ibivugwa turabona ko bireba abapfiriye muri Kristo.

"*Kuko niba twizera ko Kristo yapfuye kandi akazuka, niko bizamera no kubasinziriye muri Yesu, imana izabazura.*" (umurongo 14). Ibi nabyo birareba abasinziriye.

"*Dore ibyo tubibabwiye kubw'Ijambo ry'Umwami, yuko twe abazaba tukiriho tutazabanziriza abapfuye,*" (umurongo 15). Aha naho abasinziriye bongeye kuvugwa.

" *Kuko umwami ubwe azamanuka ava mw'ijuru n'ijwi rirangurura, n'ijwi rya marayika ukomeye, n'impanda y'Imana: nuka abapfiriye muri Kristo babanze bazuke*". (umurongo 16). Ibivugwa byose hano muri 1 Abatesal. 4 ntabwo ari ibintu bizakorwa mu gihe cy'imyaka, ahubwo bizaherako biba Yesu Kristo nagaruka; abapfiriye muri Kristo bazaherako bazazuke, abazima muri Kristo nabo bahindurwe.

Iyi mirongo uko ari ine, birunvikana ko atari ubutumwa bubwirizwa amahanga yose, ahubwo ni ijwi ry'Umwami ritegeka abapfiriye muri Kristo nk'uko ryategetse Lazaro.

Umurongo wa 17 niwo wonyine ureba abazaba bakiriho muri Kristo: "*Nuko natwe tuzaba tukiriho, tuzazamurwa hamwe nabo mu bicu, tujye gusanganira Umwami mu kirere: bityo tubane n'Umwami iteka ryose*." Amina! Mwenedata Branham yigishije ashingiye kuri bibilia yuko hariho kuza kwa Kristo kwa gutatu kujyanye n'Itorero ryo mw'Isezerano rishya: "**Yaje bwambere aje gucungura umugeni we. Azaza bwa kabiri aje gutwara umu- gemi we. Azongera kuza aje mu bwami bwe bw'imyaka igihumbi kw'isi azanye n'umugeni we**" (Reba mu gatabo: Only believe/Crois seulement/Izere gusa, ko muri Mata 27, 1961). Uku niko bizaba ntakundi. Amina.

Nk'ibindi byigishwa byose by'ibinyoma, ninako bimeze kubyo bigisha ku kuza kwa kabiri kwa Kristo, mumenye ko ari umurimo w'umwanzi. Koko hariho ubu inyigisho nyinshi zo kuyobya ziterwa n'umwuka w'ubushukanyi. Ibyo bita interuro "*zikomeye kunvwa*" mu bibwirizwa bya Mwenedata Branham, usoma wese iyo akomeje gusoma, ibyo atunvise neza arushaho kubisobanukirwa hirya gato, kuko mwenedata yongera kubigarukaho mu buryo busobanutse.

Ijambo "*Ubutumwa bw'igihe*" ryari rifitiye Mwenedata Branham agaciro gakomeye kuburyo yarikoresheje inshuro zirenze ibihumbi bine. Kuberako ubutumwa bw'igihe cya nyuma bushingiye kuri bibilia bugomba kuba integuza yo kuza kwa kabiri kwa Yesu Kristo, niyo mpanvu ubu bugera hose nk'ijwi rirangurura kugeza ku mpera z'isi (Mat. 25:6). Nkuko

byavuzwe ku bukozi bwa Yohana mubatiza ko "*ari ijwi rirangururira mu butayu*…" (Yes.40:3; Mat.3:3) ninako biri none: ijwi riravuza akamo riti: "*Dore Umukwe araje!* Mu kibwirizwa yise "*The rupture/L'enlevement/Izamurwa*" Mwenedata Branham yahereyeko asoma Matayo 25, arangije aravuga ati, " **Iki ni igihe cyo gutunganya amatabaza, mubyuke mutunganye amatabaza yanyu**."

Ubwo Yesu azagaruka, ijwi riranguruye rizavuga ritegeka abasinziririye muri Kristo baryunve, bahereko bazuke ako kanya. Hanyuma abazaba bakiriho muri Kristo bazamurwe bose icya rimwe hamwe nabo mubicu, bajye gusanganira Umwami mu kirere (umurongo wa 17). Ni ngombwa kuzirikana ko ikintu cyose kiri mu byanditswe byera kiri muri gahunda y'Imana, kandi gisohora mu gihe cyacyo, nk'uko byasezeranijwe. Amina.

Bitewe n'uko ibyabaye tariki 28/02/1963 byafashwe uko bitari nk'aho byari ukugaruka k'Umwami, ni ngombwa ko nongera kugira icyo nvuga ku kugaragara k'Umwami mu gicu. Mwene data Branham yerekanye ifoto y'icyo gicu mu bibwirizwa birindwi binyuranye agira ati: "aha turabona Umwani agaragara nk'Umucamanza mur'iki gicu." Birazwi neza ko Mwenedata Branham yari yarabanje kwerekwa aho ibyo bintu bikomeye byari kuzabera. Kubwo kunvira amabwiriza yahawe n'Umwami arimuka ajya i Tukson mu kwezi kwa Mutarama 1963, nk'uko yabinyibwiriye mu kwezi kw'Ukuboza 1962. Mu mpera z'ukwezi kwa Gashyantare, yazamutse mu misozi nko ku birometero 60 uvuye mu majyaruguru y'umudugudu wa Tukson, nkuko Umwami yari yabimweretse. Aho yari ari niho Umwami yagaragariye mu gicu kidasanzwe, ameze nk'Umucamanza, nkuko Mwenedata Branhan atahwemye kubivuga inshuro nyinshi.

Ibi bifitiye Itorero rya Yesu Kristo agaciro nk'ak'Inkingi y'umuriro mu gihe cya Mose nangwa nko kugaragara kw'Umwami mu bwiza bw'Imana mu gicu, muri Matayo 17:5. Tugomba kumenya neza ko Atari Mose cyanwa Yohana cyangwa Branham batanze inyigisho cyangwa gahunda zabo bwite, ahubwo byari igikorwa cy'Imana, nk'uko bikiri n'uyu munsi. Umwami yigaragaje mu gicu bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza. Utashobora kumenya ibyo, ntakuntu yashobora gushyira umurimo w'Imana w'umwuka mu mwanya wawo.

Igihe Mwenedata Branham yakomezaga gushimangira ati: "**Aha turabona Umwami ari nk'Umucamanza,**" ni uko byari bifite icyo bishaka kuvuga gikomeye. Ikindi kandi gikwiye kuzirikanwa ni uko Umwami yagaragaye mu gicu mu gihe cyo kumena ibimenyetso birindwi. Mw'imenwa ry'ibimenyetso birindwi, ubutumwa bwa nyuma bw'Itorero bwarasohotse, abana b'Imana bongera gukangurirwa kwita kuri "*Uku niko Uwiteka avuze*" mw'Ijambo ry'Imana.

Turabona neza ko bitari ukugaruka kw'Umwami yambaye umubiri, kuko ibyo tukibitegereje, ahubwo yagaragaye nk'Umucamanza usumba byose mu gicu kugirango yerekane ko "…*urubanza rugomba gutangira munzu y'Imana…*" (1 Petero 4:17) kandi ko guhera ubwo buri kintu cyose mu Itorero rya Yesu Kristo kigomba gushyirwa mu mwanya wacyo, bihuje n'Ijambo ry'Imana. Umucamanza usumba byose aragira ati: *"Ijambo nababwiye niryo rizabacira urubanza ku munsi wa nyuma."* Kuri iki gicu, Mwene data Branham aragira ati: "**Niwe Mucamanza usumba byose w'ijuru n'isi, Ni Imana ntakindi aricyo uretse Imana. Ni Imana yiswe Umwana w'Imana ubwo yambaraga umubiri …**" (mu kibwirizwa *Gukorera Imana hanze y'ubushake bwayo/Trying to do God a service/Rendre un service à Dieu en dehors de sa volonté*, 27/11/1965).

Ishusho y'igicu kidasanzwe ifite insobanuro imwe n'inkingi y'umuriro yagaragaye hejuru y'umutwe wa mwenedata Branham. Imana yashatse kwerekana ko bitakiri umurimo w'abantu, ahubwo ko ari umurimo udasanzwe w'Imana. Inkingi y'umuriro yafotowe n'umunyamakuru w'ikigo *Ayers and Kuppermann* tariki 20/01/1950, mu mudugudu wa Houston, mu ntara ya Texas/Amerika, hanyuma byemezwa n'impuguke yitwa Dr Geoge J. Lacy w'i Washington (umurwa mukuru wa Amerika) tariki 29/01/1950. N'iyo mwenedata Branham yari kuba yavuga inshuro igihumbi ati, "Umwami ari hamwe natwe nk'uko yarari hamwe na Mose n'abana b'Isirayeri mu nkingi y'umuriro," iyo bidahamirizwa n'Imana ngo abantu babyibonere n'amaso yabo, bashoboraga kuvuga bati, "ibyo ni ibyo yivugira, ese ikyatwemeza ko ibyo avuga ari ukuri n'iki? Ese koko byaba ari byo? Yee, noneho nibyo koko! Kimwe n'uko mwenedata Branham yashoboraga kuba yanavuga inshuro igihumbi ati: "Umwami yambonekeye mu gicu kidasanzwe," ariko iyo hataboneka gihamya, abantu barikubona urwitwazo. Tariki 28/02/1963, Umwami yagaragaye mu gicu kidasanzwe, kibonwa n'abantu benshi mu kirere hejuru cyane ahadashobora kuba igicu. Dr James McDonald wo muri kaminuza ya Tuckson yabihamije nyuma yo gupima amafoto 82 yafashe y'icyo gicu, abikoraho n'inyandiko yashyize mu kinyamakuru cyitwa "Science Magazine" cyasohotse tariki 19/04/1963. Ikinyamakuru "Life Magazine" nacyo cyabyanditseho inkuru tariki 17/05/1963, mu nyandiko cyise "igicu cy'uruziga kidasobanutse cyabonetse hejuru cyane".

Ibi si ibintu byapfuye kwizana, ahubwo ni Imana yabigennye. Abavugako bizera Kristo bose bakwiye kumenya ibyo Imana yakoze muri iki gihe cyacu, nyamara abizera nyakuri nibo bonyine bazashobora gushyira neza buri kintu mu mwanya wacyo ku byerekeye umugambi w'agakiza, kandi bazamenya ubutumwa bwatangiye icyo gihe nk'integuza yo kuza kwa kabiri kw'Umwami, akaba ariwo muhamagaro we wanyuma: "*Dore Umukwe araje!*"

Nta kuzuka, nta guhindurwa, nta no kuzamurwa byigeze biba tariki 28/02/1963. Ntabwo byari ukugaruka kwa Kristo yambaye umubiri. Ubwo azaza atyo, abapfiriye muri we bakazuka, n'abazaba bakiriho muri we bazahindurwa, bose bazamurwe bajye gusanganira Umwami mu kirere. Nyamara, iki nicyo gikorwa cy'Imana gikomeye cyanyuma mbere y'uko Yesu Kristo agaruka, ni ukugirango twerekeze amaso yacu ku byo Imana irimo gukora muri iki gihe cyacu, nkuko yabiteganije mu nama yayo yagennye mw'iteka ryose. Tuzi neza yuko Umwami ariwe mucamanza w'ikirenga uhebuje abandi, azacira urubanza ibintu byose akurikije Ijambo rye, Kandi niwe uvuga ijambo rya nyuma, none no mu gihe cy'urubanza rwa yuma.

## Amategeko n'ubuntu

Mu Isezerano rishya, harimo ahantu 162 handitse ijambo **amategeko** mu byanditswe binyuranye, kuburyo usomye yihuta ashobora kwibwirako hari ibivuguruzanya, ariko siko biri: buri kintu cyanditswe mu mwanya wacyo. Niko biri no ku ijambo "**buntu**".

"*Kuko amategeko yazanywe na Mose, ariko ukuri n'ubuntu byazanywe na Yesu Kristo*" (Yoh.1:17). Umwami wacu yaravuze ati: "*ntimwibwire ko naje gukuraho amategeko cyangwa abahanuzi: ntabwo nazanywe no kubikuraho ahubwo nazanywe no kubisohoza*"(Mat.5:17-18).

Pawuro yanditse ati: "*Kristo niwe herezo ry'amategeko kubwo gukiranuka k'uwizera wese*". (Abar.10:4). Mu rurimi rw'abagiriki, ijambo **telos** niryo rikoreshwa kandi rishaka kuvuga **intego**. Kristo yahaye amategeko **intego: intego nyamukuru** y'**amategeko** yari **ubuntu n'ukuri**.

Mu rwandiko rw'Abaroma 3:20, handitswe ngo: "*kuko ntawe uzatsindishirizwa imbere yayo n'amategeko, kuko amategeko ariyo yazanye kumenya icyaha*".

Ntabwo tuba tuzi icyo gucumura aricyo, cyangwa icyaha icyo aricyo – kubeshya, gusambana nangwa kwica – iyo Imana iba itarabitubwiye binyuze mu mategeko.

Niyo mpanvu Pawuro abisobanura mu buryo bukurikira: " *tuvuge iki se kandi? Ese amategeko ni icyaha? Ntibikabeho. Ariko sinarinzi icyaha, nakimenyeshejwe n'amategeko: kuko ntari kwifuza iyo amategeko atagira ati ntukifuze"* (Abar.7:7).

Iyo hatabaho amategeko, nta gicumuro cyari kubaho bityo nta no gucirwa urubanza byari kubaho. Iyo hatabaho amategeko, nta kuntu Umwuka wera yarikwemeza umunyabyaha ibyaha bye. Iyo hatabaho kwemezwa ibyaha, nta kuntu ubuntu n'imbabazi z'Imana byari kugaragara.

Umunsi twakiriye agakiza, twababariwe burundu ibicumuro byacu byose no kwica amategeko y'Imana kose. Kwizera umurimo wuzuye

w'agakiza kacu nibyo biduhesha kubarwaho gukiranuka. "…*hahirwa abo ibicumuro byabo byababariwe, abo ibyaha byabo byatwikiriwe.*" "*Hahirwa umuntu Umwami Imana itabaraho ibicumoro bye*.": (Abar.4:7-8). Kandi noneho duhabwa imbaraga zo kugendara mu Ijambo ry'Imana no mu bushake bwayo.

Ntabwo twacunguwe gusa kugirango tuve mu byaha no kwica amategeko, ahubwo twakijijwe n'umuvumo: "Kristo yaducunguriye kugirango atuvane munsi y'umuvumo w'amategeko ubwo yahindukaga umuvumo kubwacu, nk'uko byanditswe ngo, "*avumwe ubambwe ku giti...*" (Abag.3:16). Nubwo Kristo yaducunguye, ntiyigeze aduha uburenganzira bwo gukora ibicumuro cyangwa ikindi cyose kiri munsi y'umuvumo mu gihe cy'ubuntu. Ahubwo, rimwe mu mategeko cumi rigira riti: ntukice, naho Yesu we akagira ati: *uzarakarira mwene se nta mpanvu, azaba akwiriye gucirwa urubanza; kandi uzabwira mwene se ati wa gicucu we, azaba akwiriye umuriro wa gihenomu*." (Mat.5:21-22).

Ubwo Uwiteka Imana yavuze mu mategeko ati: "*ntugasambane*," kandi ati "*ntukifuze umugore wa mugenzi wawe.*" Ntabwo yigeze abitesha agaciro mu gihe cy'ubuntu, ahubwo yarushijeho kubikomeza ubwo yagiraga ati: "*urebye umugore akamwifuza aba yamaze gusambana nawe mu mutima we*." (Mat.5:28). Dushobora no kurebera mu Gutegeka kwa kabiri 24, aho umugabo yari yarahawe uburenganzira bwo guha umugore we urwandiko rwo kumusenda: "*ariko ndabanwira yuko, uzasenda umugore we atari ku mpanvu z'ubuhehesi, azaba amushoye mu busambanyi; kandi uzarongora umugore wasenzwe n'umugabo we azaba akoze icyaha cy'ubusambanyi.*" (Mat.5:32). Pawuro atubwira intego nyamukuru y'ubukozi bwe nk'intumwa: "*twagiriwe ubuntu duhabwa no kuba intumwa kugirango abanyamahanga bunvire kwizera mu mahanga yose kubw'Izina rye*.." (Abar.1:15). Yerekanye uburyo ubuzima bw'uwizera nyakuri bugomba kumera: "*Kuko amategeko niyo yatumye mpfa kubw'amategeko, kandi niba ndiho, ndiho kubw'Imana. Nabambanywe na Kristo: niba ndiho, si jye ukiriho ahubwo ni Kristo iriho muri jye: kandi ubugingo mfite muri uyu mubiri, ndiho kubwo kwizera Umwana w'Imana wankunze, akampfira. Sintesha agaciro ubuntu bw'Imana: kuko niba gukiranuka kuzanwa n'amategeko, Kristo yapfiriye ubusa*." (2 Abagal. 2:19-21).

Nyamara, yashingiye ku mategeko cumi ubwo yihanangirizaga abana kubaha ababyeyi babo: "*Wubahe so na nyoko,kuko aririyo tegeko rya mbere rifite isezerano…*" (Abef.6:1-2). Nk'umuyahudi wari warigishijwe mu byanditswe, yari azi neza imivumo 12 yari yanditse mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri 27; dore kimwe mu bihavugwa: "*Avumwe utesha agaciro se cyangwa nyina*", byerekana neza ko umuntu usuzuguye umwe mu babyeyi be aba ari munsi y'umuvumo – kwivuga ko uri uwera cyangwa ko wagiriwe ubuntu ntacyo byabihinduraho. Ku byerekeye umuvumo

wanditswe mu Bakorinto ba mbere 5, Pawuro tuzi neza ko nawe yagiriwe ubuntu, yanditse ati: "*umuntu nk'uwo akwiye gushyirwa mu maboko ya Satani, kugirango umubiri urimbuke ariko ubugingo buzakire ku munsi w'Umwami Yesu.*" (umurongo wa 5). Avuga ibyo, nta gushidikanya ko yarashingiye ku byanditswe mu Gutegeka kwa kabiri 27:20: "*Avumwe uzaryamana na muka se; kuko azaba yambuye ubwambure bwa se. Kandi ubwoko bwose buvuge buti Amina, bibe bityo*"

Ibyo Imana yavuze mu mategeko, biracyafite agaciro mu gihe cy'ubuntu: "*Kuko uwavuze ati ntugasambane, ni nawe wavuze ati ntukice. Nubwo utasambana ariko ukica, uba wishe amategeko.*" (Yak.:2:11).

Pawuro yihanangirije Itorero akomeje ati: "*ntimuzi ko ukiranirwa atazaragwa ubwami bw'Imana? Ntimukishuke, mumenye neza ko, abahehesi, abasenga ibishushanyo, abasambanyi,inganzwa, cyangwa abendana, abajura, abakunda impiya, abasinzi, ababeshera abandi,n'abanyazi batazaragwa ubwami bw'Imana* " (1 Kor.6:9-10).

Insobanuro y'Ubuntu mu by'ukuri ni ukugendera mw'Ijambo ry'Imana, mu mategeko y'Imana. Imibereho yacu ya buri munsi niyo yerekana niba turi munsi y'umugisha cyangwa munsi y'umuvumo. Uri mu Buntu nyakuri arangwa no kugendera mw'Ijambo ry'Imana ryose. Buri gihugu munsi y'ijuri gifite amategeko yacyo, nyamara mu bihe bisanzwe ntabwo twica amategeko y'igihugu turimo mu mibereho yacu. Uko niko bimeze ku bizera nyakuri. Abana b'Imana nyakuri, bibera mu buntu bw'Imana ariko ntibigera bagirana ikibazo n'amategeko y'Imana, ureke ibyo gucirwa urubanza. Ariko biramutse bibaye, dufite Yesu Kristo nk'umurengezi wacu utuvugira ku Mana (1Yoh.2:1). Kandi yatwibwiriye uburyo dushobora gushyitsa amategeko ye yose: "*Ukunde Umwami Imana yawe n'umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose. Iri niryo tegeko rya mbere kandi riruta ayandi. Irya kabiri risa naryo ni iri: ukunde mugenzi wawe nk'uko wiknda. Aya mategeko uko ari abiri niyo ashamikiyeho ayandi mategeko yose n'abahanuzi.*" (Mat.22:37-40). Amen ! Abacunguwe, ibi byahindutse ubuzima bwabo kuko nta ngufu bashyiramo, kuko urukundo rw'Imana n'urukundo rwa benedata rusukwa mu bugingo bwabo.

Pawuro yandikiye abaroma ati, "*ntimukagire undi mwenda uretse uwo gukundana ubwanyu, kuko ukunze mugenzi we aba yujuje amategeko…Urukundo ntirugira uwo rwifuriza ikibi, niyo mpanvu ufite urukundo aba yujuje n'andi amategeko*." (Abar.13:8-10). Ukunda mwene se ntacyo yamunyaga, ntakibi yamukorera, ahubwo ahora amwifuriza ibyiza igihe cyose; niyo mpanvu ufite urukundo aba yujuje amategeko y'Imana yose. Niyo mpanvu mu Bagalatiya 5:14 hagira hati: "*Nicyo gituma*

*amategeko y'Imana yose akubiye muri iri jambo rimwe: uzakunde mugenzi wawe nk'uko wikunda*."

Barahirwa abo Imana yishimira kuko aribo bavugwaho aya magambo: "*Nicyo gituma nta gucirwa iteka kuzaba ku bari muri Kristo Yesu, batayoborwa na kamere, ahubwo bayoborwa n'Umwuka. Kuko itegeko ry'ubugingo muri Kristo Yesu ryankuye mu bubata bw'itegeko ry'icyaha n'urupfu. Kuko ibyo ntarikubashishwa n'amategeko kubera intege nke za kamere, byatumye Imana yohereza umwana wayo mu mubiri usa n'uw'icyaha, kugirango abone uko icyaha agiciraho iteka mu mubiri. Bityo gukiranuka gusabwa n'amategeko kugaragare muri twe tutayoborwa na kamere ahubwo tuyoborwa n'Umwuka"* (Abar.8:1-4). Amina!

## Amabwiriza abiri yihariye yahawe Isirayeri

Imana yahaye Isirayeri ubwoko bwayo bw'Isezerano tegeko abiri: "*isezerano ryo gukebwa" hamwe n'Isabato kugirango bibabere "ikimenyetso gihoraho cy'amasezerano*" Imana yagiranye nabo. Gukebwa kwatangiriye kuri Aburahamu: *Uzavukira mu rugo rwawe n'uwo uzaba waraguze impiya, bose bazakebwa: kugirango amasezerano yangye nawe azabe mu mubiri wawe nk'amasezerano ahoraho*" (Itang.17:13).

"N*uko ahabwa gukebwa nk'ikimenyetso cyo gukiranuka kuva ku kwizera yari afite atarakebwa*" *kugirango ashobore kuba se w'abizera bose batakebwe; kuko babarwaho gukiranuka": abe na se w'abakebwe ariko batakebwe gusa ahubwo bagendera mu ntambwe zo kwizera data Aburahamu yari afite atarakebwa*" (abar.4:11-12). Amina.

Gukebwa kw'umwana wese w'umuhungo ufite iminsi umunani byari inshingano yera muri Isirayeri. Icyo cyari ikimenyetso cyo guhora cyibutsa igikorwa cya mbere cy'imyororokere cyabereye muri paradiso kigatuma abantu bose bajyanwa mu kugwa. Mu gihe cyo kuva kw'abana b'Isirayeri muri Egiputa, Imana yarigiye kwica umuhanuzi Mose kuko atari yaritaye kuri ayo mabwiriza ntiyakeba umuhungu we, biza gukosorwa na nyina w'umwana (Kuva 4). Yesu Umwana w'Imana nawe yakebwe ku munsi wa munane, kuko yagombaga kugibwaho mu mubiri we ingaruka zose zo kugwa, kuva akivuka kugeza gupfa ku musaraba i Golgota. Ibyo Imana yagennye byose byari bigamije gukosora ingaruka z'amateka ateye ubwoba y'ikiremwa muntu, binyuze mu mugambi w'Imana w'ubucunguzi. Nubwo atari afite icyaha kuko yari yarabyawe n'Umwuka w'Imana, yagombye kwikorera ingaruka zose z'icyaha mu mubiri we kubwacu "*Kuko yishyizeho ibyaha byacu mu mubiri we ku giti, kugirango tumaze gupfa ku byaha, tube bazima dukiranuka: uwo ibikomere bye bidukiza indwara*." (1 Petero 2:24).

Pawuro nawe yakebwe ku munsi wa munani (Abafir.3:5), akeba na mugenzi we mu murimo Timoteo kubw' abayuda (Ibyak.16). Cyakora intumwa Pawuro yandikiye abakorinto ibi bikurikira: "*ese hari uwahamagawe yarakebwe? Yirinde kuba utakebwe. Ese hari uwahamagawe atarakebwa, yekuzashaka gukebwa*" (1Abakor.7:18).

Niko guhishura iyi ngingo ikomeye: "…*Gukebwa nyako ni ukwo kumutima, mu mwuka, kutari ukw'inyuguti*…" (Abar.2:29).

Nyuma yaho Pawuro yavuze byinshi kandi yandika byinshi ku gukebwa, ariko abikubira muri aya magambo make akurikira: "*Kuko muri Kristo Yesu, gukebwa ntacyo kumaze no kudakebwa ntacyo bimaze, igifite icyo kimaze ni ukuba ikiremwa gishya. Kubagendera muri iri tegeko bose, Amahoro n'Ubuntu bibe kuri bo, no kuri Isirayeri y'Imana.*" (Abagal. 6:15-16)

**Ku ngingo yo kurinda isabato**, nkunze kubibazwa kenshi, cyane cyane ko ari rimwe mu mategeko cumi (Guteg. 5). Mu gitabo cy'Itangiriro 2:3 handitse ngo: "*nuko Imana iha umugisha umunsi wa karindwi, iraweza: kuko ariwo munsi yaruhukiyeho imirimo yose yakoze*."

Ntabwo Imana yejeje umunsi wa karindwi gusa, ahubwo yawutegetse ubwoko bwayo bw'Isirayeri nk'umunsi wo kuruhukaho imirimo yose, kuburyo batari bemerewe no kuba bacana umuriro kuri uwo munsi (Kuva 35:3). "I*mirimo izakorwe mu minsi itandatu, ariko umunsi wa karindwi ni uw'isabato wo kuruhuka, urera imbere y'Imana: uzakora umurimo uwo ariwo wose ku munsi w'isabato, azicwa nta kabuza. Nicyo gituma abana b'Isirayeri bazajya bubahiriza isabato mu bisekuruza byabo byose, n'isezerano rihoraho. Ni ikimenyetso hagati yanjye n'abana b'Isiraeri iteka ryose: kuko Uwiteka yaremye ijuru n'isi mu minsi itandatu, nuko ku munsi wa karindwi araruhuka, arishima*". (Kuva 31:15-17).

Avuga kuri Isirayeri, Uwiteka yagize ati: "*kandi hejuru ya byose, nabahaye amasabato yanjye, kugira ngo abe ikimenyetso hagati yangye nabo, kugirango bamenye ko ndi Uwiteka ubeza.*" (Eze.20:12).

"*Nuko mweze amasabato yangye; kuko azaba ikimenyetso hagati yangye namwe, kugirango mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu.*" (Eze.20:20). "*Wamanutse ku musozi Sinayi, uvugana nabo uri mwijuru, ubaha amabwiriza meza n'amategeko y'ukuri: kandi ubamenyesha amasabato yawe yera, ubategeka kubahiriza amabwiriza n'inyigisho zawe, n'amategeko wababwiriye mu kanwa k'umugaragu wawe Mose…*" (Neh.9:12-14).

Ntabwo Imana yigeze iha itorero ryo mw'isezerano rishya iri tegeko, kuko ubu atari irangiza ry'umurimo wo kurema w'Imana, ahubwo ni irangiza ry'umurimo wo gucungura; ntabwo ubu ikiruhukiro ari umunsi w'isabato, ahubwo n'uburuhukiro buhoraho mu Mana. "*kuko iyo Yosuwa aba yarabahaye uburuhukiro, ntihari kuvugwa nyuma yaho undi munsi.*

*Kuko hakiriho uburuhukiro ku bana b'Imana. Uwinjiye muri ubwo buruhukiro aba aruhutse imirimo ye yose, nk'uko Imana yaruhutse imirimo yayo*." (Abah.4:8-10). Pawuro yandikiye Itorero ryo mw'isezerano rishya agira ati: "*Ntihakagire ubacira urubanza ku bireba ibyo kurya n'ibyo kunywa, cyangwa ibyo kubahiriza iminsi mikuru, imboneko z'amezi, n'iminsi y'abasabato…"* (Abakol.2:16).

Mu isezerano rya kera, Imana yakunze kwibanda ku munsi wambere w'iminsi irindwi, ariwo ukurikira isabato, ku bijyanye n'umugambi wo gucungura, nko kumurika no kuzunguza amahundo y'umuganura w'imbuto: "*kandi uzazunguza ihundo imbere y'Uwiteka kugira ngo ryemerwe ku bwawe: ku munsi ukurikira isabato niho umutambwi azazunguza ihundo."* (Abarewi 23:11).

"*Kandi uhereye ku munsi ukurikira isabato, uhereye ku munsi wazanye ihundo ry'igitambo cyo kuzunguza, uzabare amasabato arindwi yuzuye: ndetse ku munsi ukurikira isabato ya karindwi, uzabare iminsi mirongo itanu; maze uzane ikindi gitambo imbere y'Uwiteka*." (Abarewi 23:15-16). Uwo umunsi wari uwa pentekoti – umunsi wa mirongo itanu. Igihe Umwuka wera wamanukaga ku munsi wa pentekoti (Ibyak.2), ihundo ry'umusaruro wa mbere w'ingano ryarajungujwe kandi ribatizwa mu mubiri umwe n'Umwuka wera. Urebye uko byavuzwe na Matayo, Mariko, Luka na Yohana, umwami wacu yazutse ku munsi wa mbere w'iminsi irindwi (Mat.28; Mariko 16; Luj.24; Yoh.20).

Ndetse handitswe ko Pawuro yijihije ifunguro ryera hamwe n'abizera ku munsi wa mbere w'iminsi irindwi: "*Nuko ku munsi wambere w'iminsi irindwi, ubwo abigishwa baje kumanyura umutsima…"* (ibyak.20:7).

Ituro ry'ubushake naryo ryagombaga gutangwa ku munsi wa mbere w'icyumweru: "*Umunsi wa mbere w'icyumweru nugera, buri muntu azashyire ituro rye ku ruhande akurikije uko Imana yamuhaye umugisha, kugira ngo mwe gutegereza ko nza kugirango mubone guteranya amaturo*" (1Abakor.16:2). Icyakora, nta tegeko ryo kwizihiza umunsi w'icyumweru riri mu byanditswe byera.

**Ni ukuri** ko Imana yategetse abana b'Isirayeri kwizihiza umunsi w'isabato nk'umunsi wo kuruhuka.

**Ni ukuri** ko Imana yatangaje umunsi wa mbere w'iminsi irindwi nawo.

**Ni ukuri** ko Umwami yazutse ku munsi wa mbere w'iminsi irindwi

**Ni ukuri** ko Umwami yavuganye n'abigishwa b'i Emawusi kuri uwo munsi.

Ni ukuri ko yihishuriye ba bigishwa be cumu n'umwe kuri uwo munsi

**Ni ukuri ko** Umwami yongeye kugirana nabo andi materaniro nyuma y'iminsi irindwi.

**Ni ukuri ko** abizera bajyaga baterana ku munsi wambere w'iminsi irindwi

**Ni ukuri ko** Pawuro yijihije ifunguro ry'Umwami ku munsi ubanziriza iminsi irindwi.

**Ukuri ni uko** abayahudi bizeye bakomeje kwizihiza isabato nka mbere.

**Ukuri ni uko** umwami Konstantine yabujije abayahudi kwongera kwizihiza isabato.

**Ukuri ni uko** Konstantini yategetse ko umunsi w'icyumweru ariwo uba umunsi wo kuruhuka ku bakristo bose.

**Ntabwo ari ukuri** ko abatizihiza isabato bose bafite ikimenyetso cy'inyamaswa.

**Ntabwo ari ukuri** ko abizihiza umunsi w'icyumweru bose bafite ikimenyetso cy'inyamaswa.

**Ntabwo ari ukuri** ko ikimenyetso cy'Imana ari ukwizihiza isabato. Nta cyanditswe na kimwe kyabishyigikira. Umunsi w'Umwami si isabato cyangwa icyumweru, ahubwo ni umunsi uteye ubwoba w'urubabanza wahanuwe mw'isezerano rya kera no mwisezerano rishya. Umwuka wera nicyo kimenyetso cy'Imana, ntabwo ari umunsi runaka. (Abef.1:13; 4:30; n'ahandi).

Naho ikimenyetso cy'inyamaswa, gifitanye isano n'umubare w'umuntu (s'uw'umunsi), iyo uwo mubare uteranijwe ugatanga 666 (Ibyah.13:18). Iyi ngingo twayivuzeho byinshi mu zindi nyandiko twanditse.

Mu gihe cy'ingoma ya Kristo y'imyaka igihumbi kw'isi, isabato izongera yizihizwe. "*hazagera igihe kuri buri mboneko y'ukwezi nu kuri buri sabato, igifite umubiri cyose kizaza kinyikubite imbere, niko Uwiteka avuga.*" (Yes.66:23).

Birazwi neza ko Umwami wacu ndetse na Pawuro babwirizaga abayahudi ku munsi w'isabato igihe cyose byababashobokeraga. Nanjye iyo mpaba niko nari kubigenza, kandi ntabwo nari gusiba iteraniro na rimwe mu materaniro yose Umwami yagize nyuma yo kuzuka kwe ku munsi wa mbere w'iminsi irindwi (Mat.16:2-9; Luk.24:1; Yoh.20:19-26).

Ubuzima bwange bwose, nagiye mbwiriza buri wagatandatu na buri cyumweru igihe cyose byanshobokeye. Umuntu wese wibanda ku kwizihiza umunsi uwo ariwo wose, yari akwiriye kwibaza niba atari munsi y'umwuka w'idini runaka; urugero, ni nk'idini ryagize isabato ingingo yaryo nyamukuru aho kuba Kristo, no kwemera ijambo ryose ry'Imana.

## Amategeko y'Imana areba ubwoko bwayo

Igihe Imana yagiraga icyo itegeka mu isezerano rya kera, cyabaga kireba ubwoko bw'Isirayeri gusa, ubwoko bwayo bw'isezerano. Kimwe

n'uko icyo Umwami avuze mu isezerano rishya cyose kireba gusa Itorero ry'Umwami Yesu Kristo. Imana yohereje mw'itorero ryayo, intumwa, abahanuzi, abigisha, abashumba n'abavuga butumwa (Abef.4:11; n'ahandi). Mu matorero y'akarere, Umwami yashyizeho abasaza n'abagenzuzi bitwaga abepiskopi, hamwe n'abadiyakoni. Abasaza b'itorero n'abadiyakoni bagombaga kuba barashatse. Bijyanye na gahunda yo kurema, Imana yashyize umugore iruhande rw'umugabo: "*nzamuha umufasha usa nawe*". Umugore ntiyigeze ahabwa murimo wo kubwiriza cyangwa undi wose mw'itorero (1Timot.3; Tito 1; n'ahandi).

Amadini yose, amatorero yose ashobora kwizera, kwigisha ndetse nogukora ibyo yishakiye. Imbere yange hari amashusho abiri: imwe irerekana abagore cumi n'umunani bambaye imyenda y'ubu pasitori bw'idini ry'abaporotesitanti b'abaluteri; indi irerekana umugore w'umusenyeri watanye n'umugabo we. |Itorero ry'abaporotestanti rirabyemera, ndetse ryemera abasenyeri bashakana n'abandi bagabo n'abasenyerikazi bashakana n'abandi bagore, nubwo binyuranye na gahunda y'ibyaremwe yashyizweho n'Imana, ndetse bikarushaho kunyuranya n'umugambi w'agakiza w'Imana.

Ikibazo gikomeye cyarabajijwe: ese umukozi w'Imana ashobora gutana n'uwo bashakanye? Ubundi ntibyakagombye kubaho, kuko Imana yanga ubutane. Keretse iyo ari umugore ukongejwe na Satani akajya gusaba ubutane, kuko aba agamije gusenya.

N'uwaba ari umugaragu w'Imana uruta abandi, ntiyashobora kubuza ikintu Imana itakumiriye ko kiba. Nyamara Satani niwe washutse Eva; nkuko ariwe ushukana igihe cyose, agasenya ingo n'imiryango; nk'uko ari we washenye umuryango wa Yobu umugaragu w'Imana. Nubwa Uwiteka Imana ubwe yagendagendaga mu ngobyi y'Eden, agasura umuntu wa mbere mu gihe cy'umugoroba, nubwo Adam yari aho hafi kuko nyuma yo gushukwa Eva yamuhaye kuri ya mbuto yabujijwe, kugwa kwagombye kuba. Ingaruka zabaye rurangiza: Urupfu rwaje ku mbyaro zombi. Kubera ubushukanyi, abantu bose bavukana urupfu mu buryo bw'Umwuka. Bituma bamwe bitambira ibitambo by'imbuto zabo bwite nk'uko Kayini yabigenje, abandi bagatamba ituro ry'ishimwe n'icyubahiro kubw'Umwana w'Intama w'Imana witanze akitamba mu cyimbo cyacu. Imbyaro zombi zirasenga, zombi zitamba ibitambo, ziririmba indirimbo zimwe, zunva ibibwirizwa bimwe, zigasoma bibilia imwe; Nyamara rumwe rukomeza kuba urw'inzigo mugihe urundi rwunzwe n'Imana kubw'umurimo wuzuye wo gucungura.

Umucunguzi niwe mutwe w'Itorero rye yacunguye: niwe Mutware waryo ntawundi. Yashyize mw'Itorero ubukozi n'impano zinyuranye, "*kubwo gutunganywa kw'abera… kugeza ubwo tuzagera ku kwizera kumwe, no kumenya Umwana w'Imana kimwe, ku rugero rw'umuntu ushyitse, ku rugero rw'igihagararo gishyitse cya Kristo*…" (Abef.4:12-13). Niyo mpanvu

abizera basabwa kwubaha ababayobora, "…kuko babera maso ubugingo bwanyu kuko bazabubazwa…" (Abah.13:17).

Intumwa Pawuro yanditse ibi ku bijyanye no gusenga kwigishwa na bibilia: "*abagore bajye baceceka mu materaniro, kuko batemerewe kuyavugiramo, ahubwo basabwa kunva batuje nk'uko n'amategeko abibategeka."* (1Abak.14:34). Yarakomeje asobanura impanvu, ashingiye ku gushukwa kwa Eva: "*kuko ntemerera umugore kwigisha cyangwa gutegeka umugabo, bakwiye guhora bacecetse. Kuko Adamu ariwe waremwe mbere, Eva arakurikira. Kandi Adamu siwe washutswe, ahubwo ni umugore washutswe agushwa mu cyaha*." (1Tim.2:12-14). Iyi nvugo irakomeye. Ninde wayunvira? Ninde wayihanganira?

Byari inshingano yera Intumwa yahawe n'Imana kugirango ibwire aya amagambo abagize Itorero ry'Umwami: "*kandi nshaka ko mumenya ko umutwe w'umugabo ari Kristo, umutwe w'umugore ni umugabo; naho umutwe wa Kristo ni Imana*" (1Abakor.11:3). Yongera kwandika ati: "*ntabwo umugabo yaremewe umugore, ahubwo umugore niwe waremewe umugabo*." (umurongo wa 9).

Birunvikana ko ibi byose bidashobora kubona umwanya mu isi ya none, cyangwa mu itorero na rimwe, uretseko n'ubundi ataribo bireba. Hashize igihe cy'imyaka 60, Ubudage bwemerera abagore uburenganzira bungana n'ubw'abagabo. Ibi byanditse mu itegeko nshinga, kandi ni byiza ndetse birakwiye. Nyamara tugomba kubitandukanya: bimwe bigenga ibyomw'isi, imibereho ya kamere, mu gihe ibindi bigenga ibyemewe mu Itorero ry'Imana. Udatandukanya ibi byombi aziteza ingorane ndetse aziteze n'abandi.

Iyi ngingo nayo iratwereka neza ko ab'Imana bunvira Ijambo ry'Imana. Umwami wacu na Pawuro bose bashingiye ku Isezerano rya kera kugirango bereke umugore n'umugabo umwanya ukwiriye buri umwe muri bo, nk'uko byagenwe n'Imana.

Mwenedata Branham by'umwihariko yakunze kunenga cyame imyifatire mibi y'abagore bamwe na bamwe bitwa ko bizera ariko bakisiga amarangi mu muso ku buryo utabamenya, bakambara n'amakabutura mu ruhame. Ku by'imyambarire myiza, yakunze kujya agaruka ku byanditse mu Gutegeka kwa kabiri 22:5: "*umugore ntakambare imyambaro y'abagabo, n'umugabo nawe ntakambare imyambaro y'abagore: kuko ukora ibyo ari ikizira imbire y'Uwiteka Imana yanyu*." Pawuro nawe yashingiye ku byanditse mu Isezerano rya kera insuro nyinshi, urugero ni nko mu Barom.7:2, aho yatanze amabwiriza akurikira: "*kuko umugore ufite umugabo aboheye ku mugabo we igihe cyose akiriho; ariko iyo umugabo we iyo apfuye ntabwo aba akimuboheweho*." Mwenedata Branham yigishije akomeje ko ubushakane ari ikintu cyashyizweho n'Imana, muri aya magambo: "**iyo Imana ibona ikindi cyiza kibereye umugabo kuruta**

**umugore nicyo iba yaramuhaye.**” Ibi yabivuzeho by’umwihariko mu kibwirizwa yise “*Urushako no Gusenda/Mariage and divorce*”.

Ibyaribyo byose, Umugambi w’Imana w’agakiza washoboye kugira agaciro ari uko ya marorerwa yo mu ngobyi y’Edeni abaye. Satani, ya nzoka ya cyera, akimara gushuka no kugusha Eva, uwiteka Imana yahereyeko atanga Isezerano ko Imbuto y’Imana izaza inyuze mu mugore kugirango imene umutwe w’inzoka. (Itang.3:15).

Imana yemeye ko ayo marorerwa yatewe n’umwanzi aba, kugirango agakiza kuzuye na gahunda y’Imana ku byerekeye urushako n’Itorero bibone gutunganywa rwose. Nk’uko Umwami yabitegetse ubwe, Ijambo ririmo gutwarwa mu isi yose, kandi amafunguro y’umwuko yahunitswe aracyakwirakwizwa.

## Ikwirakwizwa ry’ifunguro ry’umwuka

*“Umwami niwe mutabazi wangye, sinzatinya. Umuntu yantwara iki?”* (Abah.13:6).

Uwifuza gusobanukirwa ibiri kuba ku rubyaro rw’umwuka rwa Aburahamu, agomba gusoma yitonze amateka ya Aburahamu, Isaka na Yakobo, ndetse kugeza kuri Yosefu, mu gitabo cy’Itangiriro cyane cyane guhera ku gice cya 37 kugeza ku gice cya 50. Mu Itang.12, dusoma ibikurikira: “*nuko haba inzara mu gihugu: Aburahamu aramanuka asuhukira muri Egiputa; kuko inzara yari ikabije mu gihugu.”* Mu Itang.26:1 hagira hati: “*nuko haba inzara mu gihugu, uretse iyambere yabaye mu gihe cy’Aburahamu. Nuko Isaka ajya kwa Abimereki umwami w’abafilistia I Gerari*.”

Yozefu yanzwe na bene se bamuhora isarura ry’imiba yeretswe. Bagerageje kumwica, hanyuma bamugurisha ibice by’ifeza 20. Nyuma yaho haje inzara, Yozefu nawe afungura ibigega, bene se n’abatuye isi bose baza bamusanga. (Itang.41:56-57).

Ndabasaba ko mwakwisomera mukareba inshuro ijambo *ibyokurya* n’ijambo *inzara* bikoreshwa muri ibi bice.Ya Mana imwe yavugiye mu kanwa k’umuhanuzi Amosi iti: “*Ni ukuri ntacyo Uwiteka Imana akora atabanje kukimenyesha abagaragu be abahanuzi…”* (Amos.3:7). Kandi ati: “*Dore iminsi iraje, niko Uwiteka Imana avuga, ubwo nzohereza inzara mu gihugu, atari inzara y’ibyokurya cyangwa inyota y’amazi, ahubyo byo kunva Ijambo ry’Uwiteka…*” (Amos.8:11). Iyo Mana imwe niyo yategetse inshuro nyinshi umugaragu n’umuhanuzi wayo William Branham guhunika amafunguro, ariryo jambo rihishuwe ry’iki gihe. Uwo Mwami Imana niwe wambwiye nanjye ati, “**Mugaragu wangye, hari inzara ikomeye igiye kuza, hunika amafunguro**.” Nkuko Imana ari Nzima, ninako yakomeje

igira ati: "**Nuko uzahagarara hagati y'ubwoko ubuhe ibyokurya**." Iyo Mana imwe ni nayo yavuganye nangye tariki 3 Ukuboza 1962, binyuze mu kanwa ka Mwenedata Branham iti: "**Ba utegereje gutanga amafunguro, kugeza ubwo uzahabwa ibindi bisigaye**."

Kubwanjye, ndacyakora icyo Umwami yantegetse gukora, ibisigaye bireba buri muntu, niba ashaka kunva no kwakira Ijambo rihishuwe, cyangwa niba ahubwo atoranya kwizera ibisebanyo kuko nabyo bikomeza gukurikira inzira yabyo.

Ka nongere mbisubiremo, ijambo rimwe gusa niryo Satani yahotoye. gMwene data Branham yavuze kenshi iby'umurima w'ingano weze , iby'isarura, n'ikimdoka gisarura. Hari interuro imwe yasobanuwe nabi kubera gushyira akadomo mu mwanya utari uwako.

Mu kibwirizwa yise "*Harvest time/Temps de la moisson/Igihe cy'isarura"*, yabwirije tariki 12 Ukuboza 1964, Mwenedata Branham yaravuze ati: "**Ndunva icyuma gisarura kirimo kuza. Inama y'isi y'urwunge rw'amadini – kizayitandukanya**."

Noneho byandukuwe bitya: "**Ndunva icyuma gisarura kirimo kuza, inama y'isi y'urwunge rw'amadini – izabitandukanya**." Bitewe n'akadomo kashyizwe mu mwanya utari uwako, inyigisho y'ikuzimu yaravutse ivuga yuko icyuma gisarura ari antikristo n'inama y'isi y'urwunge rw'amadini. Muri buri bubyutse Umwuka wera yazanye kw'isi, Satani yagerageje igihe cyose kuzana invururu akoresheje umwuka w'ikinyoma. Kandi niko azakomeza gukora kugeza kw'iherezo, kugeza kw'izamurwa ry'abamutahuye mu mirimo ye yose yo kwiyoberanya kandi bakanesha ubucakura bwe bwose. Niho ibi byanditswe bizasohora ngo: *"kandi bamunesheje kub'amaraso y'Umwana w'intama no kubw'ubuhamya bw'akanwa kabo; kandi ntibakunze ubugingo bwabo ngo batinye gupfa !"* (Ibyah.12:11).

Hatitawe ku byabaye byose, byaba ari iyicwa ry'abana b'abahungu mugihe cy'ivuka rya Mose cyangwa mugihe cy'ivuka rya Kristo; byaba ari iyicwa incuro miriyoni ry'ubwoko bw'Isirayeri, ubwoko bw'Imana bw'Isezerano; nangwa se kugerageza kurimbura Itorero ry'ukuri – Satani afitiye uburakari bukabije abagize umurage w'Imana. Ntabwo intore zizigera zihagarikwa n'imirimo ikorwa n'umwicanyi w'abantu, ufite kamere y'ubwicanyi, n'umwishi w'ubugingo; ahubwo, ryita kubyo Imana irimo gukora hagati y'abayo, kugeza ubwo ibyanditswe bikurikira bizasohora: "*Nuko haba intambara mw'ijuru, Mikayiri n'abamarayika be barwa na cya kiyoka; ikiyoka nacyo kirwana hamwe n'abamarayika bacyo, ariko ntibanaesha; ndetse n'umwanya wabo ntiwaboneka mw'ijuru. Nuko cya kiyoka gikomeye kijugunywa hanze, ya nzoka ya kera ariyo umubi na satani, washutse abo mw'isi bose: kijugunywa kw'isi, n'abamarayika bacyo*

*bajuguntwa hamwe nacyo. Nuko nunva ijwi rirangurura rivugira mw'ijuru riti, noneho agakiza, n'imbaraga n'ubwami bw'Imana yacu bwaje, ndetse n'ingoma ya Kristo we: kuko umurezi wa bene data yahanantuwe, uwabaregaga imbere y'Imana amanywa n'ijoro*". (Ibyah.12: 7-10).

## Papa agenderera Isirayeri

Itangazamakuru mpuzamahanga ryarondoye iby'uruzinduko rwa Papa Benedigito wa XVI muri Isirayeri. Ntibisanzwe kuko uru uruzinduko ari rwa gatatu umupapa agize ku butaka bwera. Mu gihe cy'amasaha cumi n'imwe yamaze i Yerusalemu muri 1964, Papa Pawuro waVI ntabwo yigeze ashobora kuba yavuga ijambo "Isirayeri" cyangwa "umuyuda". Ikirego cyaregwaga abayahudi ko bishe Imana, kikaba urwitwazo rwo kubatoteza, kubarimbura, kubamenesha, kubahatira kubatizwa, byaherutswe no kubatsembatsemba bikabije, byagombye gutegereza imyaka 2000 yose, kugeza muri 1965, kugirango icyo kirego gikurweho muri Kirizia Gatorika. Papa Yohana Pawuro wa II, wahoze ari umupadiri ku birometero 50 uvuye Auschwitz (ahantu abayahudi barimburiwe batwikwa mugihe cya Hitler), nibura yasize yanditse urwandiko yandikiye ubwoko bw'abayahudi ubwo yasuraga "igikuta cy'amaganya" i Yerusalemu muri 2000. Muri urwo rwandiko yanditsemo asabira itorero rye imbabazi kubw'ubwicanyi bwose bwagiriwe abayahudi. Gahunda ya papa wa none w'umudage yo, birunvikana, yateguwe mbere y'urugendo rwe, uhereye ku munsu wa mbere agezeyo, tariki 11 Gicurasi kugeza avuyeyo kuwa 15 Gicurasi 2009, kimwe n'ibikubiye mu byo yagombaga kuvugira ahantu 28 hanyuranye. Leta ya Isirayeri hamwe na Vaticani bashoboye kunvikana kugira ngo yekuzasabwa gusura ahitwa "Ingando y'isoni", ahamanitse ishusho ya Papa Piusi XII. Mu mwanya wabyo, yavugiye ijambo ahitwa "Ingando yo kwibuka", abari bahari harimo n'abantu batandatu barokotse itsembabwoko ry'abayahudi. Icyakora ntiyigeze agira icyo avuga ku ruhare rw'uwamubanjirije Piyo wa XII mugihe cy'aba Nazi cyangwa se n'icyo Kiriziya Gatorika ivuga ku iyicwa ry'abayahudi. Nta nubwo yigeze agira icyo avuga ku mwuka wo kwanga abayahudi waranze amateka ya kirizia, cyangwa se impfu zitabarika z'abayahudi bishwe mu "Izina ry'Imana", uretse no kubisabira imbabazi.

Ikigo cy'itangaza makuru gikomeye cyo mu Budage gisohoka buri cyumweru cyitwa "Der Spiegel", cyagarutse ku rugendo rwa Papa mu kinyamakuru cyasohotse kuwa 18 Gicurasi 2009, gishingiye ku byavuzwe haruguru. Ubu noneho byarushijeho kwitabwaho uhereye aho Williamson, ufitanye isano na Papa Piyo wa XII, ahakaniye ko nta tsembabwoko ry'abayahudi ryigeze kuba. Muri iyi nyandiko, havugwamo ko ibiganiro

Papa agirana n'idini ry'abisiramu bishobora kuba bimworoheye kuruta ibyo agirana n'idini ry'abayahudi.

Uhereye mu mwaka wa 1947, Vatikani yagiranye umubano n'igihugu cy'Egiputa, aricyo gihugu cy'abisilamu cya mbere igiranye nacyo umubano, hakurikiraho Turukiya muri 1953. Isirayeri yo yagombye kubanza kwemera umuryango w'abapalesitina witwa PLO/OLP no gusezeranya ko abanyepalestina bazemererwa kwigenga mbere y'uko Vaticani itekereza kuka yagirana umubano na Isirayeri, muri 1993.

Inkurikizi yabaye nyuma y'urugendo rwa Papa, ni uko umwami wa Yorodaniya yavuze ku munsi Papa asoza urugendo rwe, ku birebana n'igisubizo cy'amahoro mu Ntara y'uburengerazuba bwo hagati ati:

"Icyasimbura kwicana, intambara n'ishenywa ry'ibihugu byombi, ari uko habaho ibihugu bibiri (kimwe cy'abayahudi, ikindi cy'abanyepalestina). Ariko kugirango bibe n'uko Isirayeri yemera gusubira mu mipaka yarimo mbere ya 1967. Biramutse bibaye, nibwo Isirayeri yakwemerwa n'ibihugu by'abisilamu b'abarabu uko ari 57."

Ni ibintu bizwi neza ko kugeza mu mwaka wa 1967 nta gihugu cyitwa Palestina cyariho. Hariho gusa intara ya Sisijordaniya kandi yari iy'ubwami bwa Jorodaniya. Muri 1967, yigaruriwe na Isirayeri. Kugeza icyo gihe, Yerusaremu yari irimo ibice bibiri: Yerusalemu y'iburasirazuba yari iya Yorodonia, naho Yerusalemu y'iburengerazuba ikaba iya Isirayeri.

Tariki 22 Gicurasi 2009, Minisitiri w'intebe wa Isirayeri Benyamini Natanyahu yaravuze ati: "Yerusaremu iteranye niwo murwa mukuru wa Isirayeri. Ntabwo izigera igabanywa ukundi cyangwa ngo icibweho igice."

Kuva igihe, Imana yatoranije ubwoko bw'Isirayeri nk'ubwoko bwayo bw'isezerano guhera kuri Aburahamu, na Isaka na Yakobo, amahanga yose yakomeje kwuzura irari n'ishyari. Ibi byarakomeje uhereye mu gihe cya Kostantini mu bwami bwa gikirisitu, no guhera mu gihe cya Muhamadi kugeza uyu munsi mu gihe cyacu. Isirayeri yakomeje guhakanirwa igihe cyose uburenganzira bwo kubaho nk'igihugu. Nta kindi gihugu kw'isi, nta n'undi murwa mukuru munsi y'ijuru bigibwaho impaka nka Isirayeri na Yerusalemu, ari mu by'imitegekere y'iyi si (politics/politique) cyangwa se mu bwami bwa kidini. Mu by'ukuri, ibyo bijyanye n'ubuhanuzi bw'ibigomba kuba mugihe cya nyuma. Kw'iherezo, amahanga yose azafatanya ahagurukire hamwe kugirango arwanye Yerusalemu. Ariko icyo gihe, Imana y'Isirayeri niyo yonyine izabatabara ivuye mw'ijuru.

Ikinyamakuru cyo mu Budage cyitwa "Westdeutsche Zeitung"cyatoranije umutwe ukurikira, ku nkuru y'uruzinduko rwa Perezidza wa Amerika Barack Hussein Obama I Kayiro muri Misiri: "Salaam alaikum – Obama ahobeye isi ya kisilamu." Nibyo, ibiganiro byose biriho muri iki gihe ni iby'amahoro ariko byose biraganisha kuri Yerusalemu. Obama warezwe nk'umwisilamu w'umusuni mu murwa w'i Djakarta ( mu

gihugu cya Indonesia), aho yasengeraga mu musigiti, yahindukiriye igikristo, ntabwo ari Kristo yahindukiriye byunvikane neza, nabwo yari akurikiye umugore we Michelle. Yamaze amezi menshi ategura inama yagombaga kugirana na Papa tariki ya 10 Nyakanga, ubwo yagombaga kuza mu nama y'ibihugu by'ibihangange umunani kw'isi (G8) mu Butariyani. Obama niwe muntu ukwiriye kuba umuhuza hagati y'abakristo n'abisilamu; kandi we na Papa Benedigito nibo bazatanga umurongo w'ibizashyirwa mw'itegeko rigamije igisubizo cyo gushiraho ibihugu bibiri bibangikanye (Isirayeri na Palestina).

Muri iki gihe, ubuhanuzi bwa bibilia bugiye gusohorera ku bwoko bw'Isirayeri; abatinya Imana bose bagomba kubyubaha, kandi bazabyubaha. "*kandi nzabafata mbavane hagati y'abanyamahanga, mbateranye mbavana mu bihugu byose, mbazane mu gihugu cyanyu*." (Ezek.36:24). Iryo sezerano ryasohoreye imbere y'amaso yacu. Amagambo akurikira nayo ari hafi gusohora: "*kandi nzateranya amahanga yose, nyateranirize mu kibaya cya Yozafati, hanyuma nzagirana nayo urubanza ahongaho kubw'ubwoko bwangye no kubw'umurage wangye Isirayeri, batatanije mu mahanga, kandi n'igihugu cyangye bagabanije..*" (Yoweri 3:2). Imana yita igihugu yahaye amoko cumi n'abiri (y'abana b'Isirayeri) igihugu cyayo bwite. Nk'uko byanditswe niko bizaba, Imana izacira urubanza abagabanije ubutaka bwayo bose, hamwe n'abasabye ko habaho igisubizo cy'ibihugu bibiri bose, ititaye ko yaba ari Perezida wa Amerika cyangwa Papa cyangwa undi uwo ariwe wese.

## Ibihugu byunze ubumwe b'Uburayi,<br>Ubwami bukomeye bwanyuma kw'isi

Umunsi umwe mbere y'uko inama y'ibihugu munani by'ibihangange (G8) itangira mu Butariyani, Papa Benedigito XVI yasohoye inyandiko yise "Caritas veritate" – "Urukundo mu kuri". Inama ya G8 ubundi yari igamije kwibanda ku bibazo bikomeye by'ubukungu n'ibura ry'amafaranga byugarije isi. Ku buryo bwo kugenga ibi bihe bikomeye, Papa yabivuzeho mu nyandiko yasohoye, ariko avuga "nk'umutegetsi w'ikirenga w'isi". Biragaragara ko ibintu byose byunaniwe, n'Umuryango w'abibumbye warananiwe; niyo mpanvu bitagihagije gushyiraho gahunda nshya y'isi gusa, ahubwo igikwiriye ni ugushyiraho ubutegetsi bw'ikirenga bw'isi. Bose (ibihugu) baratumiwe muri urwo rugendo (ride/chevauchée), kimwe n'Uburusiya, igihugu giha uburayi 75% by'ibicanwa.

Ubwo amasezerano y'i Lisbone (mu gihugu cya Portugal) azatangira gukora mu kwezi kwa Mutarama 2010, bizaba bibaye ubwa mbere ko hatorwa Perezida w'Inama nkuru y'Uburayi. Azatorerwa kumara imyaka

ibiri n'igice. Buri gihugu (cy'Uburayi), cyaba gito cyaba kinini, gitanga Intumwa. Izo ntumwa zizatora "Intumwa nkuru ishinzwe iby'ububanyi n'amahanga" uzaba afite imirimo y'Umunyamabanga wa Leta. Nyamara, ibyo Benedigito asaba birenze ibyo. "Umutegetsi w'ikirenga w'isi" Papa ashaka, agomba kuba afite ubutegetsi ku bintu byose: amadini, politiki (imiyoborere y'ibihugu), n'ubukungu. Ibi turabibonamo neza uburyo ubuhanuzi bw'igihe cya nyuma burimo gusohora, buri kintu kirajya mu mwanya wacyo mu buryo bugaragarira buri wese.

## Incamake

Kubera inshingano mfite imbere y'Imana, hari ibindi bintu bikwiye kuvugwa. Nibwo nkirangiza gusoma bundi bushya ibibwirizwa bibiri byiswe "*Gukorera Imana hanze y'ubushake bwayo/Doing God a service without it being His Will*". byabwirijwe tariki 18 Nyakanga na 27/11/1965. Byatumye ngera ku mwanzuro ko ikibazo dufite ubu atari icy'ingero zatanzwe na mwenedata Branham, ibya Baramu, Kora, Yane na Yambure n'abandi bakoze. Ahubwo, ni isomo rikomeye tugomba kuvanamo. Ubwo Dawudi yashatse gucyura Isanduku y'isezerano ngo ayizane i Yerusalemu atabibwirijwe n'Uwiteka, ibimasa byaratsikiye, noneho Uza ashaka kuramira Isanduku y'isezerano ngo itagwa bimuviramo gupfa.

Wenda twe twari kumushimira ko yazibye icyuho mu gihe nk'icyo gikomeye, kuko yakoze ibintu byiza byari bikenewe. Nyamara Imana yo ntabwo yabimushimiye, ahubwo yamuciriye urwo gupfa. Kuki? Kuko Imana yari yarategetse ko isanduku y'isezerano igomba gutwarwa ku ntugu z'abatambyi bo mu muryango wa Lewi (Gutegek.10). Mbega isomo rikomeye! Ntabwo ari gahunda nshya, ntabwo ari igari rishya, ntabwo ari guhishurirwa gushya, ahubwo ni abagabo Imana yihamagariye ubwayo kugirango batware Ijambo ryayo ry'Isezerano. Tubibona neza hamwe na Yosuwa mu gice cya 3, ubwo bambukaga umugezi Yorodani, no mu gice cya 6, ubwo inkike za Yeriko zagwaga. Iyo ibintu byose byakozwe habaye kwitwararika Ijambo n'amabwiriza y'Imana, nicyo gihe tutashidikanya ku nsinzi y'Imana, mu gihe turimo kwinjira mu gihugu cy'isezerano kugirango tukizungure.

Ese ni masomo ki tuvana mu buhamya bw'ibyanditswe byera no mu ngero Mwenedata Branham yatanze? Mose n'abandi bahanuzi bose bari bafite umurimo bahawe n'Imana. Mu gihe cy'Isezerano rishya nabwo, Yohana mubatiza yahawe umurimo n'Imana. Intumwa Petero nawe yahawe umurimo wihariye; n'intumwa Pawuro yahawe umurimo udasanzwe watumye inkuru nziza igera mu mahanga (2Tim.4:17). Byari bikubiye mu

butumwa bwe. Ka turebe ijambo nyamukuru "gutuma" rijyana n'umuhamagaro w'ukuri.

"E*se babwiriza bate batatumwe?"* (Abarom.10:15).

"*Ngaho ngwino noneho, nzagutuma kuri Farawo*…" (Kuva 3:10).

"U*ku niko uzabwira abana b'Isirayeri, Ndiho yabantumyeho*." (Kuva 3:14b).

"*Nuko nunva ijwi ry'Uwiteka rivuga riti, ninde ndibutume kandi nide uzatugirayo? Nuko ndavuga nti, ndi hano Mwami, ntuma*" (Yesaya 6:8).

"*Nuko Umwami arambwira ati, wivuga uti ndi umwana: kuko uzajya kubo nzagutumaho bose, kandi icyo nzagutegeka cyose nicyo uzavuga*" (Yer.1:7).

"*Dore nzohereza integuza yangye, izategura inzira yangye imbere yangye…"* (Maraki 3:1).

"*Dore nzabohererereza Umuhanuzi Eliya, mbere y'umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba*…" (Maraki 4:5).

Ibi mwenedata Branham yabivuze akomeje; ntarengwa yunvikanye no muganbo yakoresheje: "**Ntabwo Imana yigera ihindura ibitekerezo byayo. Icyemezo cyayo cya mbere kiba gitunganye rwose kandi ari icy'ukuri**." (Ikibwirizwa cyo kuwa 27/11/1965).

Guhakana ubukozi bwavuzwe n'Ishoborabyose ubwayo mw'ijwi ryunvikana, byagereranywa no gucira Imana mu maso ukayibwirako yibeshya. Birashoboka ko umuntu wahamagariwe ubukozi runaka yageragezwa bikomeye nk'abandi bose. Nyamara, guhangara kuvuga ko n'ubwo umuhamagaro w'umuntu kanaka ari uw'mwimerere kandi w'ukuri, adashobora gukomeza gukora umurimo yahamagariwe, nabyo bisa no gutuka Imana.

Ibyemezo Imana ifashe bwa mbere nibyo bihoraho iteka ryose. Nta gihe nakimwe Imana yigeze ihindura ibyemezo byayo. Dawudi araduha urugero rwiza kuri byo. Hari umuhungu we Abusalomu wari afite abahungu batatu n'umukobwa umwe, kandi niwe watumye Dawidi ahunga ava i Yerusalemu. Abusalomu yashoboye kwigarurira abantu benshi bakomeye, ndetse yiyamamaza ko yabaye umwami. Ibi byaherekejwe no kubeshyera Dawudi byinshi bibi, ndetse na Shimeyi yaramuvumye amutera n'amabuye, ariko Dawudi yarakomeje nubwo yariraga kandi ari hagati y'agasuzuguro kenshi. Agahinda yatewe n'umuhungu we kari gakomeye cyane. Ariko igihe cyarageze ubwo Dawudi yasubiranye umwanya we yagenewe n'Imana. Ibindi byose byari ibigeragezo gusa. Yashoboye no kuvuga ati, "*mureke avume, kuko Uwiteka yabimwemereye*" (2Sam.16:11). Kristo, umwana w'Imana ndetse nawe yarasenze ati: "*Data ubabarire kuko batazi icyo bakora*."

Kubesherwa – "…*ese muzi ibyo data yakoze*?" – ntabwo byari bigifite icyo bitwaye.Icyo Imana yemeje cyose kiba gitunganye kandi gihoraho

iteka ryose. Kristo, Umwami wacu yitwa Umwana wa Dawudi kugeza no mu gice cya nyuma cya bibilia. Kuvuga ko Imana ishobora gukuraho umuhamagaro cyangwa ubukozi ni ugutuka Imana nkana.

Iyo Imana itagira gahunda itaziguye mu gihe cyacu, aricyo gihe gikomeye kurusha ibindi muri gihe cy'imyaka 6000 ishize, kuburyo abantu bose bashobora kwikorera uko bishakiye, ibyo byaba bidushubije mu gihe cy'abacamanza, aho buri muntu yakoraga uko yishakiye. Ibyo ntibishoboka.

Imana yasezeranije umuhanuzi kandi yaramutumye. Imana yasezeranije ko ubutumwa azahabwa buzategura kuza kwa kabiri kwa Kristo.

Imana ubwayo yateganije ko nagombaga kumenyana n'uwo mugabo guhera muri 1955 kugeza 1965. Na nubu ndacyafite inzandiko 21 twandikiranye muri iyo myaka yose. Imana ubwayo yayoboye ibintu kugira bgo mbe umuhamya w'ubwo bukozi budasanzwe kubyo niboneye mu materaniro ye.

Muri 1958, kubw'ubuntu bw'Imana, nageze aho menya neza umwanya w'umuhamagaro we n'ubukozi bwe mu mugambi w'Imana w'agakiza. Muri 1962, yareretswe, ambwira ibyerekeye umuhamagaro w'Imana, ko nzabwiriza ubutumwa kandi ko nshobora no kuzakwirakwiza ibyokurya by'Umwuka. Mukwa 4/1966, ku mugoroba w'uwo munsi w'agahinda ko guhambwa kwe, Umwami mukundwa yanyibukije amagambo yo kujya mu mijyi inyuranye: "**ubu igihe kirageze cyo kujyana ubutumwa mu isi yose**." Kubwo gufashwa n'Imana, ibyo nibyo nkora kuva icyo gihe kugeza n'ubu, n'imbaraga zangye zose.

Uwavuze ati, "**Nzakohereza mu yindi mijyi**" yarazi icyo akora, none amamiliyoni y'abantu bunvise ijambo rye rivuye mu kanwa kangye.

Noneho tugeze ku kibazo gikomeye gikunze kubazwa: ese haba hari undi muvuga butumwa mu gihe cya Branham wari ufite umuhamagaro nk'uwe n'umurimo nk'uwbe? OYA! Cyakora abigana bo bari benshi.

Ikibazo gikurikiyeho ni iki: ese haba hari undi muntu kw'isi uyu munsi wunvise ijwi rihinguranya ry'Umwami mu rurimi rwe kavukire akaba yarahawe umurimo n'Imana ujyanye n'Umugambi w'Imana w'agakiza? Icyo sinagisubiza. Nyamara cyakagombye kubazwa buri mwenedata ukora ingendo mu bihugu binyuranye n'imijyi inyuranye abwiriza. Ahatari umuhamagaro w'Imana ubwayo, ikibazo gikurikira gifite ishingiro:

Abo benedata batumwe nande? Ese birahagije kugira amadolari – yaba ayo muri Ostrariya, ayo muri Niyuzilandi, ayo muri Kanada cyangwa ayo muri Amerika? Ese bahabwa uwuhe mwanya ushingiye ku Ijambo, cyangwa ku byo Branham yavuze, niba nta muhamagaro w'Imana bafite, nta n'ubukozi bahawe? Ese hari uwashobora kuvuga ahantu n'umunsi, yahamagawe n'Imana? Cyangwa se ahubwo ni byo Branham yavuze iti: ni *gukorera Imana hanze y'ubushake bwayo?*

Igihe kirageze kugira ngo ubutumwa bwa bibiliya bw'igihe cya nyuma bubwirizwe mu bushake bw'Imana, kugira ngo ubwoko bw'Imana buyoborwe mu bushake bwuzuye bw'Imana. **Buri muntu agomba kwihitiramo aho ahagaze;** tugomba kuba ku ruhande rw'Imana kugira ngo dushobore kugira uruhare ku bibera mu Itorero mugeni. Ahantu Ijambo ry'Imana rifite ubutware bwose, niho inyigisho z'ibinyoma, imiyoborere mibi n'insobanuro z'abantu bihagarara burundu. Itorero rya Yesu Kristo rigomba kugarurwa mu nzira, ariko ibi byashoboka gusa ari uko twemeranya muri byose n'Ijambo ry'Imana. Hariho ubukozi bw'Imana muri iki gihe cyacu, kandi ijambo twahawe rizasohoza ntakabuza icyo Imana yaritumiye.

"K*uko Uwiteka azahaguruka nko ku musozi wa Perazimu, azagira uburakari nko mu kibaya cya Gibeoni, kugira ngo akore umurimo we, umurimo we utangaje, kandi ashyitse ibikorwa bye, ibikorwa bye bidasanzwe*" (Yes.28:21).

"K*uko azarangiza umurimo, awuhine mu butabera: kuko Umwami azakora umurimo w'igihe gito kw'isi*." (Abar.9:28).

"*Uw'Ijwi rye ryanyeganyeje isi: ariko noneho yasezeranije ati, nzongera nyeganyeze ariko atari isi gusa ahubwo nzanyeganyeza n'ijuru*." (Abah.12:26).

Umwami abahe umugisha

**Mwenedata E. FRANK**

Kubera ibibazo byinshi, twiyemeje kuzamurikisha bibiliya ingingo ya "kimwe cya cumi" mu nandiko ntoya, iherekeje uru rwandiko ruzenguruka, ishobora kohererezwa uyisabye.

Ccccccc cccc

**"Niko ijambo ryangye risohotse mu kanwa kangye rizamera: ntabwo rizagaruka ubusa, ritarasohoza ubushake bwangye, kandi rizahirwa, izarumbuke mu byo nzaba naritumye." (Yes.55:11).**

Niba wifuze gukomeza kwakira inyandiko zacu, ushobora kwandikira aha hakurikira:

Mission Center
P.O. Box 100707
47707 Krefeld
Germany

Ushobora no gukurikura ku muyoboro wa Interneti amateraniro yacu buri wagatandatu no ku cyumweru byambere bya buri kwezi: kuwagatandatu duterana saa moya n'igice nimugoroba, naho ku cyumweru duterana saa ine za mugitondo. Ibibwirizwa bishobora kunvikana kw'isi hose mu ndimi cumi zinyuranye harimo n'icyongereza n'igifaransa. Amateraniro ya Zurich aba buri ku cyumweru cya nyuma cy'ukezi, saa munani z'amanywa, mu kidage no mu gifaransa. Gira uruhare muby'Imana irimo gukora bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza !

Homepage: http://www.freie-volksmission.de
E-mail: volksmission@gmx.de or
E.Frank@freie-volksmission.de
Phone: +49-2151/545151
Fax: +49-2151/951293
© by the author and publisher E. Frank
❃ ❃